- Kuyobora abanyeshuri na gahunda yo kwita ku buzima bwo mutwe binyuze mu miryango itanga serivisi batandukanye mu muryango mugari no mu kigo cy'amashuri
- Ikigo cya Title I (kitishyuza)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Umukino wa basketball, itsinda ry'imiyoborere y'abanyeshuri, imikino wo gushimisha abitabiriye ibirori, umupira w'amaguru, itsinda ry'abaririmbyi ryahawe ibihembo, itsinda ribyina n'itsinda riririmba
- **Amasomo yihariye:** Ubugeni, Ritanga isomero, Siporo (PE) na Laboratwari ya Siyanse, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM)
- Eagles SOARR (Umutekano, Kwirengera ibyakozwe, Imyitwarire, Gufata inshingano no Kubahana)
- Gukoresha ikoranabuhanga buri munsi, harimo n'irya Chromebooks, ku banyeshuri bo mu mwaka wa K–5
- Gitanga Uburezi bwihariye buhabwa abana (ECE) na serivisi zo gufatasha abanyeshuri Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza (ELD)
- **Ubufatanye n'imiryango n'umuryango mugari:** Ikigo gishishikariza abana kwigira hanze (ECHO) (kuva mu mwaka wa kabiri kugera mu mwaka wa kane), Gusangira n'imiryango, Amahirwe yo kwiga, Imigoroba y'imiryango na Blessings in a Backpack



Bowen Elementary

Abanyeshuri cyakira: 716
Telefone: (502) 485-8213
Aderesi: 1601 Roosevelt Avenue, Louisville, KY 40242
Web: jefferson.kyschools.us/page/bowen-elementary

Nk'umuyobozi mu kigo cya Me, twizera ko buri munyamuryango w'ikigo cyacu afite ubwenge bw'ikirenga. Umuyobozi mu kigo cya Me abereyeho guha abanyeshuri, abakozi n'imiryango ubushobozi bwo gukoresha imbaraga bifitemo ari na ko bishakira uruvugiro. Dufite ibintu bitanu by'ingenzi twizera bituyobora mu byo dukora byose bikurikira:

- Buri wese ni umuyobozi.
- Buri wese ni umunyabwenge.
- Ni twe mbarutso y'impinduka.
- Abanyeshuri bongererwa ubushobozi kwiyobora mu myigire yabo.
- Abigisha n'imiryango bafatanya guteza imbere umuntu wese.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gitanga amahirwe ku banyeshuri biga kuva mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa gatatu kugira ngo bitabire ibikorwa by'ubugeni, umuziki, isomero, siporo (PE) n'Icyesipanyore mu buryo bugenda bugaruka
- Gifasha umunyeshuri kugira amahitamo cyemerera abanyeshuri bari hagati na hagati kwitabira amasomo atari ay'ingenzi hashingiwe ku byo bakunda (ingero: ubugeni, umuziki, imiyoborere na Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi, Ubugeni n'Imibare [STEAM])
- Igaragaza ikoranabuhanga rigezweho mu burezi yibanda ku guhuza ikoranabuhanga mu bice byose by'imyigishirize
- Gahunda y'imyigire y'ikoranabunga ifasha abanyeshuri kwikemurira ibibazo (STLP), aho abanyeshuri bahawe amahirwe yo gushakisha uburyo bashobora gukoresha ubushobozi bwabo mu kuyobora kugira ngo bagire ingaruka nziza ku muryango
- Gitanga ibindi bikorwa byagutse bitari ku nteganyanyigisho, birimo umukino wa basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, karabu ya dame, kwiruka, orukesitiri, gukemura ibibazo, Quick Recall, umupira w'amaguru, n'ibindi
- Gikorana n'Ihuriro ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA) ryatsindiye ibihembo ritera inkunga ibikorwa ngarukakwezi bifasha imiryango kugira uruhare mu bikorwa by'ikigo



Byck Elementary

Abanyeshuri cyakira: 275
Telefone: (502) 485-8221
Aderesi: 2328 Cedar Street, Louisville, KY 40212
Web: jefferson.kyschools.us/page/byck-elementary

Tumenya neza ko abanyeshuri bose bari mu muryango ubafasha, ubaha ububasha, ubashyigikira ukanabatera umuhati mu kunoza imyitwarire mu myigire myiza yo ku rwego rwo hejuru.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- **Ishingiro ryo Kuzamura Impano:** Abanyeshuri bateza imbere impano, bikava ku ntangiriro bikagera ku itangazwa, kugira ngo hamenyekane icyo bakunda nyakuri bityo ibyo bakunda bihuzwe n'impano bafite
- Gikoresha abarezi mu bugeni no mu bumenyamuntu (ikinamico, imbyino, ubugeni n'umuziki) n'itangazamakuru ryanditse, ikoranabuhanga n'uburezi mu by'ubugenge (PE)
- Gitanga serivisi zerekeye impano
- Gitanga uburezi bukungahaye ku ikoranabuhanga hibandwa kuri Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwabatsi n'ibikorwa by'Imibare (STEM)
- Gitanga integanyanyigisho ihuriweho yemejwe yo mu rwego rw'amasomo, imibereho n'amarangamutima (CASEL), Global Game Changers
  - — Abanyeshuri bashyirwa mu bikorwa by'ubushakashatsi bubatera amatsi yo gukora Ikiza mu muryango mugari ari na ko hategurwa uburyo bwo guhangana no kutagira icyo witaho
  - — Ihabwa abanyeshuri bose mu gihe cy'umunsi w'amasomo; kwagura gahunda na byo bikorwa nyuma y'amasomo



Hite Elementary

Abanyeshuri cyakira: 493
Telefone: (502) 485-8267
Aderesi: 12408 Old Shelbyville Road, Louisville, KY 40243
Web: jefferson.kyschools.us/page/hite-elementary

Ku Hite Elementary, intego yacu iragura iti "Hite, aho dukura inyota yo gukura no kuba abanyeshuri b'ubuzima bwose." Iyi ndangagaciro iri muri buri gice cy'ishuri ryari, ikadufasha nk'icyizere kituyobora dusangiye n'ababyeyi, abakozi n'umuryango mugari. Dutewe ishema no kuba abanyamuryango ba Energy Bus b'itsinda ry'ikigo rishyira mu bikorwa imiyoborere n'imyigire ya kinyamwuga ya Jon Gordon. Twatangiranye urugendo n'Umuyobozi undimo kugira ngo tunagure imiyoborore mizima mu muryango w'ikigo cyacu no hanze yacyo. Dufite amahame atatu tuganiraho mu nama za buri gitondo: Kwitonda, Gukora cyane, no Kwishimisha! Twizere by'ukuri ko gukomeza kunoza imikorere bituyobora ku kuba abo dushaka kuba ko kandi, nyuma, tugateza imbere umuryango mugari wose.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- **Uburezi bushingiye ku bushakashatsi n' amasomo y'umunsi wose mu Nzego Zihariye:** Isomero, Siporo (PE), Imyigire ishingiye ku mishinga (PBL) n'Ikoranabuhanga
- Havugwa indimi zirenga 20
- Uburyo butansukanye bw'ubufasha (MTSS) bukubiye muri gahunda nyamukuru
- Giha abanyeshuri bose uburyo bwiza bw'imyigire n'imibanire
- Gitanga inyigisho z'ikoranabuhanga ryimbitse
- Gitanga ubwisanzure no gukorera mu matsinda mu buryo bwihariye, bityo bigatuma habaho kwiyumva mu muryango, gitanga imyigire ishingiye ku minshinga (PBL) kikanateza imbere kwigira hamwe
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Amatsinda y'amasomo, Itsinda ribyina, Itsinda ricuranga mu bitaramo, Imikino, Girls on the Run, Girls Who Code, Kind Kids Club, ibidukikije, ikinyamakuru, urukesitiri, pickleball, Quick Recall, amarobo, Karabu yo kudoda, Amashoti y'umupira w'amaguru na Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP)



Lowe Elementary

Abanyeshuri cyakira: 617
Telefone: (502) 485-8293
Aderesi: 210 Oxfordshire Lane, Louisville, KY 40222
Web: jefferson.kyschools.us/page/lowe-elementary

Ibisobanuro by'intego: Lowe Elementary ni ikigo cy'amashuri kidaheza, gitumbera intego aho abiga baharanira kubaho ahantu hazima kandi hashishikaza.

Indangagaciro

- Duha agaciro ibyo kugaragariza ineza abandi.
- Duha agaciro umurava wacu.
- Duha agaciro ibyo kwiha intego no kuzigeraho.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Cyabaye Ikigo cy'Indashyikirwa Cyemewe Umubyeyi agiramo Uruhare
- Kizwi n'Ishami ry'Uburezi rya Kentucky (KDE) nk'ikigo cy'intangarugero mu bigo bikizengurutse mu kuba gifite ahantu heza, hatekanye kandi harangwa no kugera ku ntego, ndetse kizwi na Scholastic nk'ikigo cya Mbere mu gihugu gifite abanyeshuri bamaze igihe kirekire basomo muri 2017-18 na 2018-19 mu gihe cy'Impeshyi
- Gitanga amasomo mu nzego zihariye, harimo ubugeni, umuziki, uburezi mu by'ubugenge (PE), Icyesipanyore, n'itangazamakuru ryanditse
- Gahunda n'Umwarimu wagenwe wa Gahunda y'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe/ Itsinda ry'abanyeshuri b'abanyempano bo mu mashuri abanza, ituma hizerwa neza ko abanyeshuri babona amahirwe ngarukakwezi mu masomo yabo
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ry'Imyigire, Book Olympiads, karabu ya dame, itsinda ry'abariimbyi, itsinda riririmba, korari, umukino w'amaboko wa basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, kwiruka, karabu yo kwiruka, umupira w'amaguru, karabu y'ikinamico, karabu y'ubugenzi, amarobo, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP), n'ibindi

Middletown Elementary

Abanyeshuri cyakira: 566
Telefone: (502) 485-8300
Aderesi: 218 N. Madison Avenue, Louisville, KY 40243
Web: jefferson.kyschools.us/page/middletown-elementary

Intego Middletown Elementary ni ukuvumbura urumuri ruri muri buri mwana binyuze mu gushishikariza buri munyeshuri kugera ku bushobozi bwose yifitemo no kugera ku byo ejo hazaza hamusaba. Nk'umuyobozi mu kigo cya Me, Middletown yubaka imiyoborere n'ubumenyi mu by'ubuzima mu banyeshuri, ikarema umuco w'ikizere gihambaye mu kigo ikanashyiraho umusingi w'uburezi burambye. Twizera by'ukuri ko ari inshingano zacu kumurikira abanyeshuri uburyo bwo kwiyumvamo ubushobozi bw'ikirenga, kandi duharanira buri munsi kumenya neza ko buri munyeshuri ari umuyobozi ku giti cye mu myigire ye.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Umuyobozi mu kigo cya Me
- Imikoranire y'Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu (PTA) rigamije kuzamura imitsindire y'abanyeshuri
- Urugendo rw'ikigo cyose ruganisha kuri gahunda y'intsinzi
- **Amasomo yihariye:** Igifasransa, isomero, itangazamakuru, ubugeni, umuziki, na Siporo (PE)
- Amahirwe y'itsinda ry'abaririmbyi ku banyeshuri biga mu mwaka wa gatanu
- Ibitaramo by'umuziki bya buri mwaka bitegurwa na buri shuri
- Ahantu hanze hagenewe kwigirwa
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Itsinda ry'abanyeshuri rya Lighthouse, Itsinda ry'imyigire, Basketball, Girls Who Code, gukoresha abarobo na cheerleading
- Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano n'Integanyanyigisho zidaheza zo kwita ku bafite Impano

Stopher Elementary


Abanyeshuri cyakira: 775
Telefone: (502) 485-8281
Aderesi: 14417 Aiken Road, Louisville, KY 40245
Web: jefferson.kyschools.us/page/stopher-elementary

Stopher Elementary ni umuryango mugari w'uburezi ukora neza muri JCPS. Abanyeshuri bose basohoka muri Stopher biteguye, bafite ubushobozi, kandi bafite ubushake bwo kugera ku bushobozi bwabo bwose no kugira uruhare nk'abaturage biteguye kandi bafite ubushishozi mu isi yacu itandukanye. Abakozi ba Stopher bahatira kandi bagashishikariza buri munyeshuri gukura binyuze mu myigishirize iboneye no mu bunararibonye bufite igisobanuro mu buryo bwita ku banyeshuri kandi bubashyigikira.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Cyahawe Igihembo cy'Ikigo cy'Indashyikirwa cya Blue Ribbon muri 2014
- Gfite umwarimu uhoraho wo muri Gahunda iteye imbere/Gahunda y'Abanyeshuri bafite Impano
- Gitanga gahunda yihariye irambuye, ikubiyemo Siuyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi, Ubugeni n'Imibare (STEAM); umuziki; isomero; ubugeni; Siporo (PE); WAVES (Imyigire yo mu rwego rw'Amarangamutima n'Imibanire [SEL]); ndetse n'Ikilatini
- Gushyira imbere ubufatanye bukomeye hagati y'ababyeyi n'umuryango mugari, kugira Ibikorwa by'uruhare rw'umuryango mu mwaka wose
- Gutanga amahirwe ya karabu z'imbere mu kigo ku banyeshuri bo hagati na hagati
- Kugira ibikorwa by'abanyeshuri bitandukanye bya nyuma y'amasomo, birimo amatsinda ashinigye ku masomo, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP), umukino w'amaboko wa basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, imbyino, umupira w'amaguru, imbyino, kwiruka, amarobo, dame, gukemura ibibazo byo mu gihe kizaza, n'ibindi

Zone ya Fairdale



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI



Auburndale Elementary

Abanyeshuri cyakira: 606
Telefone: (502) 485-8204
Aderesi: 5749 New Cut Road, Louisville, KY 40214
Web: jefferson.kyschools.us/page/auburndale-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya Auburndale Elementary cyiyemeje kwigisha abanyeshuri b'amoko yose, inkomoko zose, ibitsina byose, n'ubushobozi bwose kugeza ku rwego rwo hejuru mu by'uburezi. Icyerekezo cyacu ni ukuba umuryango udaheza, uhujwe n'ibyishimo byo kwiga, aho tugira umwihariko kwakirwa n'ishema, guhabwa agaciro, kandi kukishimirwa.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Kizirikana ingingo eshanu zose zo kugira impano kandi igatanga amahirwe yo kungura abanyeshuri bujuje kuba mu Itsinda ry'abanyeshuri bafite impano na porogaramu ya serivisi zihabwa abanyeshuri bafite impano
- **Amahirwe yerekeye Amasomo yihariye:** Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi n'Iby'ubushakashatsi mu mibare (STEM); ubugeni, umuziki, Siporo (PE), isomero na Purposeful People (inyandiko y'integanyanyigisho y'isomo ryo kuzamura imyitwarire iboneye)
- **Amahirwe ya nyuma y'amasomo:** Amarobo, umukino w'amaboko wa basketball, umukino w'amaboko wa volleyball, karabu y'ubugeni, Wildcat Singers, Quick Recall (Kwibuka Vuba), umupira w'amaguru, tenisi, flag football na cheerleading
- Gitanga serivisi zibumbiye hamwe kugira ngo hakorwe ku buryo abanyeshuri bacu bagira umuzima buzira umuze mu mutwe no ku mubiri babifashijwemo n'umuforomo w'ikigo uhoraho utanga serivisi z'isuzuma ry'ubuzima, inkingo, n'isuzuma ry'amatwi n'amaso
- Kigira Ikigo gifasha imiryango (FRC) gikora neza kugira ngo gifashe imiryango mu byo ikeneye mu buryo bwihariye hakemrwa inzitizi zitajyanye n'amasomo imiryango ishobora kugira no kuyihuza n'ubundi bufasha buboneka mu muryango wacu



Coral Ridge Elementary

Abanyeshuri cyakira: 568
Telefone: (502) 485-8234
Aderesi: 10608 National Turnpike, Louisville, KY 40118
Web: jefferson.kyschools.us/page/coral-ridge-elementary

Intego ya Coral Ridge ni ugutanga uburyo bw'uburezi aho abanyeshuri bose bazagera ku nsinzi mu bushobozi bwose biyumvamo.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gitanga inyigisho mu gusoma, imibare, siyansi n'ubumenyi bw'imibanire zitangwa n'abarimu b'inzobere
- **Amasomo yihariye:** Laboratwari ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubugeni) na Mathematics (imibare) - (STEAM); ubugeni n'ubumenyamuntu; Isomero; na Siporo (PE)
- Umuforomo ukora igihe cyose, Umuhuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) n'umukozi ushinzwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe
- Abarimu batatu b'Abiga bakoresha indimi nyinshi (ML) babiherewe icyemezo kugira ngo bafashe abanyeshuri ba ML
- Gitanga uburenganzira bwagutse ku makarabu n'ibikorwa mu gihe cy'amasomo na nyuma y'amasomo harimo Itsinda ry'Imyigire, gushishikariza abana kwitabira uburezi bwo hanze y'ishuri (ECHO), umukino w'amaboko wa basketball, umupira w'amaguru, kwiruka, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, Gahunda y'Ikoranabuhanga y'Imiyoborere y'Abanyeshuri (STLP), Worldfest no kurashisha umuheto



Fairdale Elementary

Abanyeshuri cyakira: 668
Telefone: (502) 485-8247
Aderesi: 10104 Mitchell Hill Road, Louisville, KY 40118
Web: jefferson.kyschools.us/page/fairdale-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Fairdale Elementary, abanyeshuri bacu bazaba bateguwe byuzuye kugira ngo babashe gukoresha ubushobozi bwose bifitemo, kuba biteguye kujya mu cyiciro gikuru no kuba abaturage b'ingirakamaro kandi bita ku nshingano. Dutanga uburezi bwuzuye, bwujuje amahame, bwiza mu muryango mugari wita ku bantu kandi utanga ubufasha aho abanyeshuri bose bigishwa bakanshishikarizwa kuba abahanga mu gutekereza, guhanahana amakuru neza, kwiyigisha ubwabo no kuba abaturage bita ku nshingano.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gitanga uburezi mu gusoma, imibare, siyansi n'imibanire bitangwa n'abarimu babifiye ubushobozi bwo ku rwego rwo hejuru bibafisha integanyanyigisho yo muri iki gihe y'ingirakamaro kurusha izindi n'uburyo bugezweho bw'imyigishirize
- Gitanga uburezi ku banyeshuri bose mu byerekeye ubumenyi buhambaye mu bya siyansi, ikoranabuhanga, ubumenyi mu by'ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- Gitanga amasomo y'umuziki, ubugeni, amarobo, itsinda ry'abaririmbyi, umukino w'amaboko wa basketball, umupira w'amaguru, kurashisha umuheto, imikino ngororamubiri n'umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori

Minors Lane Elementary

Abanyeshuri cyakira: 403
Telefone: (502) 485-8303
Aderesi: 8510 Minors Lane, Louisville, KY 40219
Web: jefferson.kyschools.us/page/minors-lane-elementary

Kuri Minors Lane Elementary, twiyemeje gushyiraho imyigire yihariye aho abanyeshuri bashishikarizwa, bakayoborwa kandi bakongererwa imbaraga zo kuba indashyikirwa mu mitsindire y'amasomo. Intego yacu ni ugutanga ahantu hatanga ubumenyi himakaza iterambere no gutsinda kuri buri mwana.


Intego yacu ni uguteza imbere uruhurirane, gushishikariza kugira amatsiko no kwigisha umwana wese. Abakozi bacu biyemeje gukorera hamwe mu muryango muzima, ufasha kandi udaheza kugira ngo batange uburezi buhamye. Twiyemeje guharanira ko buri munyeshuri agira icyitegererezo—umuntu mukuru utamuteshukaho kandi wizera mu bushobozi bwe kugira ngo akoreshe imbaraga yifitemo zose. Binyuze mu mahuriro afatika, tuyobora abanyeshuri ku kuba abantu bakomeye cyane.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Kifashisha inyigisho zishingiye ku bimenyetso no ku muco mu gutanga uburezi
- Uburezi bugenewe buri wese kandi butandukanye bitewe n'ibyo abanyeshuri bakeneye kumenya ndetse n'ibyiyumviro bagira mu mibanire yabo
- Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda zo kwita ku bafite Impano
- Gushyira mu bikorwa integanyanyigisho ndakuka igamije kwigisha imyitwarire n'ubumenyi mu mibanire
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Umukino w'amaboko wa basketball, umupira w'amaguru, Karabu yo Gusoma Ibitabo, Quick Recall, Gahunda y'Ikoranabuhanga y'Imiyoborere y'Abanyeshuri (STLP), aba ambasaderi b'abanyeshuri, abagabo nyabo, abagore bihesha agaciro, Girls on the Run, Akana k'abanyeshuri, itsinda ricuranga n'itsinda ry'abaririmbyi rya orukesitire
- **Amasomo yihariye:** Ubugeni, Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi, Ubugeni n'Inzu y'ubushakashatsi mu mibare (STEM), itangazamakuru ryanditse; uburezi bw'ubugenge (PE) nindimi z'isi
- Umuganga uhoraho wita ku buzima bwo mu mutwe ukorera mu kigo, umuforomo w'ikigo n'umuhuzabikorwa w'Ikigo giha imiryango ubufasha (FRC) kugira ngo hitabwe ku byo abanyeshuri n'imiryango yabo bakeneye



Zone ya Fern Creek



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Bates Elementary

Abanyeshuri cyakira: 588
Telefone: (502) 485-8208
Aderesi: 7601 Bardstown Road, Louisville, KY 40291
Web: jefferson.kyschools.us/page/bates-elementary

Bates Elementary itanga uburezi bushingiye ku bucuti n'imiryango yibanda ku kwigisha umwana wese—hitabwa ku byo akeneye mu myigire, imibanire no mu byiyumviro. Dutanga integanyanyigisho ihambaye ihuzwa n'amahame yo ku rwego rw'igihugu n'intara mu bijyanye no gusoma, imibare, siyansi n'imibanire n'abandi. Bates Elementary itewe ishema no kuba izwi ku rwego rw'igihugu nk'ikigo kiyoboye muri Me Lighthouse, giteza imbere ubushobozi mu miyoborere muri buri munyeshuri mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa gatanu.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Inama Nkuru y'Igihugu y'Abarimu Bemewe (NBCT), abarimu bahawe akazi mu burezi bafitemo impano no Guteza Imbere Icyongereza (ELD), Abarimu Bemewe mu Rwego rwa I n'urwa II kuri Google n'Abarimu Bemewe ba Apple
- Gahunda yuzuye mu bujyanama ikorwa n'abajyamana babiri bemewe bahoraho batanga serivisi mu mashuri/mu mirimo, mu mibanire na mu nzibacyuho binyuze mu matsinda mato, umuntu ku giti cye n'umuyoboro w'ishuri
- Kwemererwa Gahunda y'Ikoranabuhanga y'Imiyoborere y'Abanyeshuri (STLP); Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi n'Imibare (STEM); n'itangazamakuru riyobowe n'umunyeshuri (WBES) hifashishijwe inyerekanashusho y'icyatsi
- Gushyira mu bikorwa gahunda y'ubugeni babifashijwemo n'abarimu bahoraho bigisha umuziki, ubugeni n'ikinamico ndetse n'itsinda ricuranga, itsinda ry'abaririmbyi, korari n'ibikorwa byo kuririmba mu nzu zabugenewe
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Umukino w'amaboko wa basketball, umukino w'amaboko wa volleyball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, tenisi, umupira w'amaguru, kwiruka, Quick Recall, Gukemura ibibazo by'ahazaza, gucunga umutekano, G.I.F.T.E.D. Itsinda ry'abakobwa, Abagabo nyabo, n'Abayobozi ba Lighthouse
- **Amahirwe yerekeye imiyoborere:** Itsinda ry'abanyeshuri rya Lighthouse, Bear Bloggers, Karabu ya Cool 2B Kind, Abateza imbere ibidukikije n'abandi benshi

Fern Creek Elementary

Abanyeshuri cyakira: 729
Telefone: (502) 485-8250
Aderesi: 8815 Ferndale Road, Louisville, KY 40291
Web: jefferson.kyschools.us/page/fern-creek-elementary

Intego Fern Creek Elementary ni ugutegura abaturage b'isi bita ku bintu, bafite ubushobozi, bakorana n'abandi, kandi bifitiye icyigenge. Icyerekezo cyacu ni ugutanga ahantu ho kwigira hatekanye aho abanyamuryango bose bahabwa ububasha bwo kugera ku bigwi bihambaye.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- **Umuyobozi mu kigo cya Me:** Uburyo bw'imyigire bushingiye ku mibanire hitabwa kuri buri munyeshuri nk'umuyobozi ufite impano zihariye yasangiza abandi, bigafasha abanyeshuri kugira ubumenyi bw'ingenzi mu kinyejana cya 21 hagamijwe kubaka umubano w'ingirakamaro no kugira uburezi ubwabo
- Uburezi bwita ku muco hatezwa imbere ubwitabire nyabwo no gushyiramo imbaraga ku banyeshuri bose
- Gitanga Gahunda y'Ikoranabuhanga y'Imiyoborere y'Abanyeshuri (STLP), Karabu ya Anime, Itsinda ry'Imyigire, Itsinda ry'Imiyoborere, Itsinda ricunga umutekano w'abanyeshuri, Abagabo nyabo, Abakobwa bafite impano, imikino yo kuvuza ingoma, Inama y'abanyeshuri, Abakobwa bakora kode (Girls Who Code), Tigers on the Run, Gukemura Ibibazo bijyanye n'Amasomo, karabu ya BOSS, itsindi ry'abaririmbyi, na orukesitiri
- Uburezi bugenewe abafite Impano, Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda Yisumbuye
- Gitanga uburezi mu bya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubumenyi mu by'ubwubatsi n'Imibare (STEM); Umushinga w'Impuhwe, ubugeni bwo mu buryo bw'amashusho, umuziki n'imibere yo mu ngiro/ubuzima
- Itsinda Rishinzwe Uruhare rw'Ababyeyi
- Umuforomo wemewe (RN), umuganga wita ku buzima bwo mu mutwe, ubujyanama mu mibanire/ibyiyumviro n'umuganga ukorera mu kigo ubarirwa mu bakozi

Price Elementary

Abanyeshuri cyakira: 480
Telefone: (502) 485-8315
Aderesi: 5001 Garden Green Way, Louisville, KY 40218
Web: jefferson.kyschools.us/page/price-elementary

Price Elementary cyiyemeje kwita ku byo buri munyeshuri akeneye itegura uburyo bw'imyigire, imibanire, ibyiyumviro no guhanga udushya byo ku rwego ruhambaye

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gahunda y'Ibanze yo Gutegura abanyeshuri bo kuva mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa K–3 igamije gukuza ubushobozi bw'abanyeshuri bitwara neza cyane mu mashuri abanza binyuze mu burezi bwita ku muntu ku giti cye/amatsinda mato n'ibikorwa bitandukanye byagutse bifasha, bigakangurira bikanatera amatsiko ajyanye n'imyigire
- Gahunda yo gutanga umurongo ndenderwaho ifasha mu gutanga neza ubumenyi mu miyoborere mu banyeshuri n'ubufasha bw'imyigire mu marangamutima n'imibanire
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ririmba, orukesitiri, basketball, cheerleading, gukoresha amarobo, gukemura ibibazo, Karabu y'umupira w'amaguru na volleyball

Wheeler Elementary

Abanyeshuri cyakira: 621
Telefone: (502) 485-8349
Aderesi: 5700 Cynthia Drive, Louisville, KY 40.291
Web: jefferson.kyschools.us/page/wheeler-elementary

Wheeler itanga integanyanyigisho inononsoye ikurikiza amahame y'urwego rw'igihugu. Abanyeshuri bacu bose bashyigikirwa mu rugendo rwabo rwo kwiga kandi bagahabwa igihe cy'inyongera, uko bikenewe kugira ngo babashe kuzirikana intego z'imyigire. Abanyeshuri bagaragaza gufata ibyo bize bahabwa amahirwe yo kongera no gucengera ibyo biga. Amasuzuma akomeza gutangwa muri buri somo aha wowe na mwarimu w'umwana amakuru y'ingenzi yerekeye ubushobozi bw'umunyeshuri ku giti cye ndetse n'ibyo akeneye mu buryo yigishwamo. Twemeranya neza n'ihame rya "Every Student, Every Day (Buri munyeshuri, Iminsi yose)."

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Uretse ibyemezo bitangwa n'Inama y'Igihugu, Google, n'ubuyobozi bw'ikigo, abarimu bemerewe kwigisha abanyeshuri b'abanyempano, uburezi bushingiye ku kugaragaza bumenyi bw'umunyeshuri, imyigire y'umunyeshuri yihariye, Imyigire ishingiye ku mishinga (PBL), no guteza imbere ibijyanye no gusoma no kwandika
- Byibanda ku hantu umunyeshuri yigira ku buryo bwihariye, guteza imbere ibikorwa bifasha umunyeshuri kwiyungura ubumenyi, imikoreshereze y'ibyo yise mu buzima busanzwe, n'aho bifitanye isano
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda ryatwaye igihembo mu bijyanye n'amasomo, akanama k'abanyeshuri, umupira w'amaguru, umukino w'amaboko wa basketball, amasiganwa ku maguru, karabu yo kwiruka, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, umupira w'amaguru, pom squad, Suzuki Method violin, Library Co-Op, itangazamakuru, Amarobo, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), Men of Quality, Girls Who Code, Umupira w'amaguru, Inama ngishwana y'abanyeshuri, n'Amahirwe y'Akazi mu Miyoborere
- **Amasomo yihariye:** Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM); ubugeni bw'amashusho; imibereho irimo kwiyitaho no kwita ku bintu bigukikije; n'umuziki uvanze n'ikinamico n'imbyino
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE)
- Kirimo Gahunda ya National Elementary Honor Society na Junior Beta Club
- Umuryango w'ababyeyi n'Abarimu watwaye igihembo (Parent Teacher Association, PTA) utanga ibikorwa birimo gukorana n'imiryango
- Uyoboye mu mitegurire ya gahunda ya Me yigisha abanyeshuri ubumenyi bw'imiyoborere
- Gahunda yo kwifashisha ikomatanyije igamije gufasha iterambere mu mibanire n'amarangamutima

Wilt Elementary

Abanyeshuri cyakira: 520
Telefone: (502) 485-8353
Aderesi: 6700 Price Lane, Louisville, KY 40229
Web: jefferson.kyschools.us/page/wilt-elementary


Intego y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Wilt Elementary ni ukwigisha no gutanga ahantu hatekanye ho kwigira. Abanyeshuri bose bazara imikurire myiza mu myitwarire ijyanye n'imibanire/amarangamutima. Ababyeyi, abanyeshuri, n'abarezi, bakorana n'umuryango mugari bashobora gushyiraho uburyo bwo kwigiramo butekanye kandi bufata bose kimwe aho abanyeshuri bashobora kwigira ndetse bagahinduka abagize abatanga umusaruro muri sosiyete. Dutanga uburyo bwo kwigiramo bufata mu ngeri zose, bugoranye aho abanyeshuri bagira inshingano mu kwiga kwabo ndetse n'imitsindire yabo. Kuri Wilt, dusigasira uburyo bwungukirwamo ubumenyi bugizwe nokubamo uruhare rugaragara rw'umuryango.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Ahantu hameze ko muri pariki kugira ngo dushishikarize umuco wo kuba abanyagihugu barinda ibidukikije
- Bahora bari hejuru y'ibipimo byo ku rwego rwa leta mu masomo yose, mu rwego rwa mbere rw'ibijyanye no kwitabira mu mashuri abanza, ndetse no gusezera kw'abakozi ku kigero gito
- Imashini zicapa zikoresha 3D abanyeshuri bakoresha muri CAD (Ishusho ikorwa hifashishijwe mudasobwa) ndetse n'izi porogaramu z'amakode ya mudasobwa
- Umwarimu wagenwe wa Gahunda y'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe ku itsinda ry'abanyeshuri b'abanyempano bo mu Mashuri abanza ndetse n'Abagaragaye ko bafite impano zidasanzwe
- Ishyirahamwe rihuza Ababyeyi n'abarimu (PTA) rikora ibikorwa rigatera inkunga ibikorwa by'ikigo ndetse rikanafasha imishinga y'ikigo (Urugero: Kwagura ibibuga by'imikino no kubitaka bishyirwarwaho ibyapa no kubitegura kimwe no kubasha kugera ku byifashishwa n'abanyeshuri muri siyansi bikoreshwaho amaboko)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Kurasa n'umuheto, umukino w'intoki wa Basketball, Umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, karabu yo guteka, karabu yo kuboha, drama, Jump Rope for Heart (gahunda yo gukusanya inkunga igamije ubushakashatsi bujyanye n'umutima no kurwanywa sitoroke), Girls Who Code (abakobwa bakora kode), Quick Recall (Kwibuka vuba), Gukemura ibibazo, amarobo, ibikorwa byo gucunga umutekano, umukino w'umupira w'amaguru, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), umunyeshuri ufashwa na reta, n'umukino wa volleyball

Uburyo bwunganira: Uburyo bwunganira bwa Fern Creek Zone ni Watterson Elementary **(paji ya 46)**.

Zone ya Iroquois



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI



Cane Run Elementary

Abanyeshuri cyakira: 425
Telefone: (502) 485-8223
Aderesi: 3951 Cane Run Road, Louisville, KY 40211
Web: jefferson.kyschools.us/page/cane-run-elementary

Hano kuri Cane Run, twizerera mu kwigisha umwana mu myigire ye yose. Buri munsi, dukora kugira ngo dutange uburyo bwo kwigiramo butekanye, butuma hari ibindi bikorwa bibaho, ndetse bunagoranye butuma abanyeshuri baba biteguye kwimukira mu kindi cyiciro. Intego yacu ni ugutegurira abanyeshuri kuba abitunze, bahora bigira ku byo buhuriramo mu buzima ndetse no kubaha ubumenyi bw'amasomo ajyanye n'ikinyejana cya 21 bazakenera kugira ngo babashe guhirwa mu buzima bwabo. Twese turashaka ko abana bacu baba abantu bageze ku ntego, bize kandi bagwa neza. Kugera ku ntego mu masomo, mu mibanire no mu marangamutima ni amahame y'ingenzi twibandaho buri munshi binyuze mu byo dusaba bya P.A.W.S. Twigisha abanyeshuri bacu kuba Abia bateguwe, gufata ingamba ziwkiye, gukora cyane no kugaragaza ubugira neza. Twiyemeje gukorana n'imiryango yacu, abanyeshuri bacu n'abagize umuryango mugari mu gushyiraho imibereho yimakaza imyitwarire, kuba indashyikirwa mu masomo, kugira icyizere no kubahana.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Karabu na siporo zitandukanye zo ku ishuri, harimo umukino w'amaboko wa basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, itsinda ry'ababyinnyi,Drama by George, flag football, umupira w'amaguru, Girls on the Run, karabu yo guteka, 4-H, eautiful As You Are (BAYA), Gutemura ibibazo, n'ibindi!

Twiyemeje ibi bikurikira:

- Gushyiraho imyigire itekanye, ihamye kandi yungura ubumenyi ifasha gutangira bushyashya
- Gustura imibanire mizima no kuba abanyeshuri, imiryango n'abagize umuryango mugari bumva bisanga
- Kunoza umuco w'ubufatanye
- Gusigasira ibyitezwe ku banyeshuri bose kubera ko twizera ko abanyeshuri bose bashobora kugera ntego zabo ku rwego rwo hejuru
- Gutanga inyigisho zishingiye ku bigenderwaho, zishingiye ku bushakashatsi kandi zigenewe buri muntu ku giti cye hashingiwe ku makuru shingiro
- Gutanga serivisi zagutse z'ubufasha bugenewe imiryango na serivisi zibumbiye hamwe zigenewe abanyeshuri n'imiryango



Frayser Elementary

Abanyeshuri cyakira: 437
Telefone: (502) 485-8255
Aderesi: 1230 Larchmont Avenue, Louisville, KY 40215
Web: jefferson.kyschools.us/page/frayser-elementary

Intego: Umuryango w'ikigo cy'amashuri abanza cya Frayser Elementary School wiyemeje kuzamura umwana wese, kongerera imbaraga abayobozi bacu kugira ngo bamenye ubwenge bifitemo no guharanira kugera ku ntego z'amasomo zihanitse no kwaguka kuri bose.

Icyerekezo: Abanyeshuri bose ba Frayser bahindura icyiciro biteguye mu kuyobora mu myigire ndetse no mu mibanire nk'abatuye isi.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gishyiraho gahunda ya Leader in Me, ifasha abakozi, abanyeshuri, imiryango kugira ubushobozi bw'imiyoborere ku giti cyabo binyuze mu kubigisha Amahame 8 aranga umuntu ugaragaza imikorere iboneye (Habits of Highly Effective People), no gufasha abanyeshuri kubona no kwishimira ubumenyi bwabo
- Kizwi nk'ikigo cy'amashuri cya LIM Lighthouse
- Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM) ihoraho
- Rishyiraho imyigishirize yo gusoma n'imibare, ishingiye ku bushakashatsi kugira ngo hatange amahirwe yo kwiga atabangamye kandi yihariye ku muntu ku gite cye ku banyeshuri bose
- Riteza imbere ubuzima bwiza bwose bw'umwana, integanyanyigisho ya MindUp, umuforomo uhoraho, Umukozi ushinzwe ihuzabikorwa mu kigo cya Family Resource Center (FRC), n'umukozi ushinzwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe
- Kigira ibikorwa bitandukanye bigenewe abanyeshuri mu gihe cy'amasomo n'ibikorwa bitari mu nteganyanyigisho nka asketball, umupira w'amaguru, cheerleading, Porogaramu y'imiyoborere mu ikoranabuhanga y'abanyeshuri (STLP), Paw Patrol, n'Itsinda ry'abanyeshuri rya Lighthouse
- Indimi zivugwa zirenga 16



Gutermuth Elementary

Abanyeshuri cyakira: 479
Telefone: (502) 485-8261
Aderesi: 1500 Sanders Lane, Louisville, KY 40216
Web: jefferson.kyschools.us/page/gutermuth-elementary

Hano kuri Gutermuth, twizera mu kwita ku banyeshuri nkaho ari abacu. Tubaha amahirwe yo ku rwego ruhanitse y'imyigire, abakozi bo ku rwego rwo hejuru, n'ibikorwa n'iminsi mikuru kugira ngo habashe kugerwa ku byo umunyeshuri akeneye n'ibimushimisha. Ni intego yacu gutanga uburyo bw'imyigire bufite ireme ryo ku rwego rwo hejuru, bukwiriye mu mikurire kugira ngo abanyeshuri bose babashe kongera imibanire n'ubumenyi bw'imyigire ahantu hadateje ikibazo, hatekanye ndetse hita kuri buri wese. Twiyemeje gutanga imyigire ifite ireme ryo hejuru kandi iteguye mu buryo buboneye igamije kwaguka mu mibanire no mu masomo ku banyeshuri bise mu myigire itekanye kandi ibitaho.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gukorana n'abandi, inyigisho zishingiye ku mahame y'urwego ahantu h'imico myinshi, inyuranye harimo amahirwe menshi y'Imyigire ishingiye ku mishinga (PBL)
- Abafite impano, Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda yimbitse
- Disney in Schools Theatre Production ku bufatanye na StageOne Family Theatre na Gahunda y'amasomo y'Ubugeni bw'Amashusho
- **Amasomo yihariye:** Inzu y'Abasomyi, Compassionate Schools Project (CSP), Siporo (PE), Ubugeni, na Siyanse, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi n'Imibare (STEM)
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Karabu y'ubugeni, Umukino wo gushimisha abitabiriye ibiroribande, kwiruka, itsinda ry'abaririmbyi, orukesitiri, Komite ya PRIDE, Gucunga Umutekano, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), amarobo, n'umupira w'amaguru
- **Imyigishirize y'uburyo bw'ubufatanye butandukanye:** Gukoresha ingamba z'imyigishirize zitandukanye kugira ngo twigishe abanyeshuri bacu bagizwe n'umubare munini w'Abiga bakoresha indimi nyinshi (ML)
- Kizwi nka No Place For Hate (Ikigo kiratangwamo Urwango)

Hazelwood Elementary

Abanyeshuri cyakira: 562
Telefone: (502) 485-8264
Aderesi: 1325 Bluegrass Avenue, Louisville, KY 40215
Web: jefferson.kyschools.us/page/hazelwood-elementary

Intego yacu ku kigo Hazelwood Elementary ni ugufasha umunyeshuri kugera ku byo akeneye, gukora ku buryo buri munyeshuri akoresha ubushobozi bwe bwose, no kwizeza ko abanyeshuri bacu biteguye kugera ku byiza mu buzima bwabo buzakurikiraho.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Imikoranire y'umuryango mugari na Bernheim Forest, Kentucky Science Center, na Waterfront Botanical Gardens
- Imyigishishirize ishishikiraza kandi ishingiye ku mahame mu banyeshuri b'ingeri zitandukanye bavuga indimi 25 zitandukanye
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo**: Umukino w'amaboko wa basketball, umukino w'amaboko wa volleyball, Kwibuka Vuba, Gukemura ibibazo, umukino wa baseball, umupira w'amaguru, Field-to-Fork,Porogaramu y'imiyoborere mu ikoranabuhanga y'abanyeshuri (STLP) n'ikipe ya bowling
- Umwarimu umwe wa Gahunda yo Guteza Imbere Icyongereza (ELD) kuri buri cyiciro cy'umwaka abanyeshuri bigamo kugira ngo abanyeshuri bari muri gahunda y'abiga indimi zirenze rumwe (Multilingual Learner - ML) babone serivise
- Ibikorwa ngarukakwezi bigirwamo uruhare n'umuryango
- Abafite impano, Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda yimbitse
- Hejuru ya 65% by'abarimu bafite impamyabumenyi zemewe bafite impamyabumenyi zihanitse n'icyemezo mu rwego rwabo rw'ubuhanga

Jacob Elementary

Abanyeshuri cyakira: 519
Telefone: (502) 485-8271
Aderesi: 3701 E. Wheatmore Drive, Louisville, KY 40215
Web: jefferson.kyschools.us/page/jacob-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya Jacob Elementary, dukora kugira ngo habeho ikigo aho abanyeshuri, imiryango n'abarimu batera imbere.

Intego yacu ni ukuzamura urukundo rwo kwiga, gushora mu mibanire n'abanyeshuri bacu n'imiryango, ndetse no gutuma habaho ishyaka ry'imitsindire y'umuntu ku giti cye kuri buri munyeshuri.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Amasomo yo gusoma no kwandika ndetse n'imibare byihariye atangirwa mu buryo bw'imyigishirize yo mu matsinda mato.
- Uburyo bwo kwigisha mu buryo bukomatanyije ku banyeshuri bose bari muri Gahunda y'uburezi bw'abanyeshuri bafite ubumuga yihariye (ECE), n'abiga bakoresha indimi nyinshi (ML)
- Amahirwe y'imyigishirize itandukanye ku banyeshuri bo muri Gahunda yisumbuye n'iyo kuzamura impano ku banyehsuri batahuwe bo mu mwaka wa kane n'uwa gatanu hamwe na serivise zihahabwa abanyempano bo mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa gatatu
- Integanyanyigisho yerekeye ubumenyi bw'ibyerekeye ubwonko no kurwanya ibikorwa byo kwibasira abandi yifashiswa ku mpamvu z'Imyigire yo mu rwego rw'Amarangamutima n'Imibanire igamije gufasha umunyeshuri kwiyongerera icyizere, isano n'abantu n'ibintu ndetse no kwicunga
- Amahirwe ku banyeshuri yo guteza ukwisanga n'ubuyobozi binyuze mu kwitabira ibikorwa nk'inya Karabu ya Garden, Karabu y'Ubugeni, Field-to-Fork, Itsinda ry'Amasomo, College Mentors for Kids, Bricks 4 Kids, Itsinda ry'Ikoranabuhanga, Karabu ya dame, n'ibindi
- Amahirwe y'imikino ku banyeshuri, harimo basketball, baseball, cheerleading (gushimisha abitabiriye ibirori), Girls on the Run, umupira w'amaguru, itsinda ry'ababyinnyi (step team), tennis, na volleyball.
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (HPSE) n'Ikigo giha ubufasha imiryango cya FRC gikora buri gihe, gifite ububiko bw'ibiribwa n'ububiko bw'imyambaro
- Umuforomokazi w'ishuri ukora igihe cyose n'ubufatanye na Norton itanga serivisi z'ubuvuzi mu buryo bw'iyakure ku banyeshuri bafite uruhushya rw'ababyeyi mu gihe cy'amasomo

Mill Creek Elementary

Abanyeshuri cyakira: 445
Telefone: (502) 485-8301
Aderesi: 3816 Dixie Highway, Louisville, KY 40216
Web: jefferson.kyschools.us/page/mill-creek-elementary

Icyerekezo cyacu ni ukuba ishuri ry'indashyikirwa mu miyoborere ryo mu mujyi.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Riha abanyeshuri amahirwe y'ubuyobozi binyuze mu bayobozi b'abanyeshyuri n'Abambasaderi b'amashuri
- Ritanga uburyo bw'imyigire y'imibanire n'amarangamutima, amahitamo y'imyigire y'abanyeshuri, gahunda zo guhugura mu bumenyi, na gahunda z'ubufasha bw'imyigire ihabwa umuntu ku giti cye
- Gutumiza inama, siporo n'ibikorwa bitabarwa ku nteganyanyigisho, karabu z'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatanu, amahirwe y'ibikorwa by'imiryango bikorwa nijoro, imyigishirize izirikana umuco
- Porogaramu za Lexia na DreamBox
- Gahunda zo gufasha kwikosora (RP) n'Ikigo gitanga Gahunda zigamije kwimakaza Ubufasha bwerekeye ubuzima bw'imyitwarire (PBIS)

Rutherford Elementary

Abanyeshuri cyakira: 491
Telefone: (502) 485-8320
Aderesi: 301 Southland Boulevard, Louisville, KY 40214
Web: jefferson.kyschools.us/page/rutherford-elementary

Icyo twibandaho cy'ingenzi ni ugukorana n'imiryango kugira ngo twizere ko abanyeshuri bacu bose batsinda. Twizera cyane ko binyuze mu gukora cyane no gufungukirana mu guhana amakuru hagati y'umuryango n' ikigo cy'amashuri cyacu, abanyeshuri bacu kuri Rutherford Elementary bazagera ku bushobozi bwabo bwo hejuru ndetse banabe abiga bugenga by'ubuzima bwose kandi bazagira uruhare rufatika muri sosiyete.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Abanyeshuri bongerera ubumenyi bwo gutekereza birimo gushyira mu gaciro muri Gahunda y'urwego rwisumbuye
- Integenyanyigisho ishingiye ku myandiko ishyigikirwa n'amasomo atangirwa mu itsinda ndetse ashingiye no ku bushakashatsi
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Siporo/ibikorwa bya nyuma y'amasomo binyuze muri Family Resource Center (FRC), Itsinda rishinzwe imyigishirize, Gahunda y'imyigire y'ikoranabunga ifasha abanyeshuri kwikemurira ibibazo (STLP), Karabu ya dame, umukino w'intoki wa Basketball, umukino w'umupira w'amaguru, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, orukesitere n'itsinda riririmba rikanacuranga
- Umwarimu w'amasomo ya Siyanse, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM) ukora iminsi yose
- Icyumba umunyeshuri na mwarimu baganiramo no gushyira mu matsinda yihariye, bikorwa hagendewe ku byo umunyeshuri akeneye binyuze muri myigire ishingiye ku mishinga (PBL) bigamije guteza imbere imyigire yo gufatanya
- Gukorana n'abandi, inyigisho zishingiye ku mahame y'urwego ahantu h'imico myinshi
- Indimi zivugwa zirenga 16

Semple Elementary

Abanyeshuri cyakira: 595
Telefone: (502) 485-8324
Aderesi: 724 Denmark Street, Louisville, KY 40215
Web: jefferson.kyschools.us/page/semple-elementary


Umuryango mugari w'ikigo cy'amashuri abanza cya Semple Elementary uzigisha buri munyeshuri ugamije ko agera ku byo ashoboye byose mu bijyanye n'amasomo, imibanire n'amarangamutima. Ritanga ahantu hatekanye ndetse hita ku bantu, abakozi bacu bafasha abanyeshuri mu kongera ubumenyi bufasha kuba abanyagihugu batanga umusaruro muri sosiyete yacu ihora ihindagurika. Abanyeshuri bungukira mubyo biga bifashwa n'uburyo bwo gutanga amanota bugendera ku bipimo by'urwego ruzwi n'imyigishirize inyuranye ikemura uburyo bw'imyigire n'ingamba z'imyigishirize kugira ngo hafashwe abiga bose n'indimi.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Imyigishirize y'umuntu ku giti cye hagamijwe kugera ku byo umunyeshuri akeneye binyuze mu itsinda rito ritangirwamo ubufasha n'amasomo yo kongera ubumenyi
- Ritanga amahirwe menshi y'imyigire yongerwe
- Giha akazi umuforomo ukora iminsi yose
- Ikigo cy'amashuri gifite imigirire ihembura itanga ubufasha bw'ubuzima bwo mu mutwe binyuze muri Serivise za Seven Counties hamwe n'Ikigo cyunganira imiryango (FRC) giha ubufasha imiryango yose
- Laboratwari ya Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM)
- Laboratwari ya Siyansi/Ubumenyi bw'imibanire
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Umukino w'intoki wa Basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, itsinda rya step, orukesitere, gucunga umutekano, Itsinda rishinzwe amasomo na Quick Call, umupira w'amaguru, korali, gitari, Gahunda y'imyigire y'ikoranabunga ifasha abanyeshuri kwikemurira ibibazo (STLP), Karabu y'imikino, Amarobo ya VEX, n'Itsinda ry'abafite impano



Zone ya Jeffersontown



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Cochrane Elementary

Abanyeshuri cyakira: 481
Telefone: (502) 485-8231
Aderesi: 2511 Tregaron Avenue, Louisville, KY 40299
Web: jefferson.kyschools.us/page/cochrane-elementary

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Rikora ku buryo abanyeshuri bahabwa amahirwe yo kwiga agamije kongera ubumenyi, kubatiza umurindi kandi ateguwe ku buryo bwihariye ku giti cy'umuti bigamije gushakisha ibindi bikorwa by'imyigire bibamo ubumenyi bugamije gutsinda no gusobanukirwa ku buryo bwimbitse bw'ibisobanuro by'ibintu
- Ritanga amasomo anyuranye kandi ateguwe ku buryo bunononsoye mu masomo yose
- Rivanga ikoranabuhanga ryo ku rwego rwo hejuru, harimo ikibaho cyo mu buryo bw'ikoranabuhanga, Chromebooks, iPads, n'Ishuri rya Google mu nteganyanyigisho
- Ritanga ibikorwa bitabarwa mu nteganyanyigisho binyuranye, harimo Junior Beta Club, umukino w'intoki wa Basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, amasiganwa yo kwiruka, umukino w'umupira w'amaguru, Yearbook, gucunga umutekano, Quick Recall, Girls Who Code, Gahunda y'imyigire y'ikoranabunga ifasha abanyeshuri kwikemurira ibibazo (STLP) yatwaye igihembo
- Riha abanyeshuri amahirwe y'ubugeni bujyanye n'amashusho n'imbyino, harimo orukesitere n'itsinda ririrmba rikanacuranga
- Ryigisha abanyeshuri iby'ibanze mu cyiciro cyo guhana amakuru binyuze mu makuru ya mu gitondo ategurwa n'umunyeshuri
- Uhabwa inkunga ya 5x5 Fund ku nkunga zigenewe Ubugeni, ziha abanyeshuri ibijyanye n'ubugeni
- Risigasira ubufatanye bukomeye hagati y'ababyeyi n'umuryango mugari kugira ngo hongerwe imitsindire y'munyeshuri



Farmer Elementary

Abanyeshuri cyakira: 728
Telefone: (502) 485-8625
Aderesi: 6405 Gellhaus Lane, Louisville, KY 40299
Web: jefferson.kyschools.us/page/farmer-elementary

Ikigo cy'amashuri abanza cya James E. Farmer Elementary cyiyemeje guteza imbere imyigire ifite intego z'ubuzima bwose ku banyeshuri bose, binyuze mu gutanga ubumenyi n'ibitekerezo bishya mu buryo buboneye, bwita ku mwana.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Imyigire y'umuntu yihariye yigishwa n'abarimu bafite ubumenyi buhagije, harimo Akanama k'abarimu bemewe (NBCT), abarimu batwaye igihembo cy'Indashyikirwa mu myigishirize yo mu Ishuri no kugaragaza ubushobozi bwo kuyobora mu Burezi (ExCELL) ndetse n'umwarimu watwaye igihembo cya Milken Educator cya 2021
- Uburyo bwo kwiga gusoma no kwandika bukoreshwa mu kigo hose n'uruhare rw'abakozi muri gahunda y'amasomo y'Iby'ibanze mu rurimi ku barimu bigisha Gusoma n'Imivugire y'amagambo (LETRS), Umushinga w'Ishami rya Kentucy Rishinzwe Uburezi (KDE)
- Ritanga amasomo anyuranye kandi ateguwe ku buryo bunononsoye mu masomo yose
- Amasomo yigishwa mu ishuri ya Siyanse, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM); imibereho irimo kwiyitaho no kwita ku bintu bigukikije; gufasha abanyeshuri kumenya imyuga bakurikirana; ubugeni n'amasomo kimwe n'amahirwe atangwa rimwe y'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatunu yo kwiyandikisha mu itsinda ririrmba rikanacuranga cyangwa orukesitere
- Ingendoshuri zigamije kongera inyunguramagambo n'ubumenyi bw'ibanze
- Gitanga umukino w'intoki wa Basketball, Quick Recall, Gukemura ibibazo, gucunga umutekano, Inama y'abanyeshuri, n'amarobo ya VEX
- Ibikorwa by'iminsi mikuru by'umwaka, nk'ibya Walk-a-thon na Color Run by'Ishyirahamwe ry'Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA), Trunk or Treat, Imigoroba yo kwishimisha ku imiryango; Umugoroba wa Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubugeni) na Mathematics (imibare) - (STEAM); Umugoroba wo Gusoma no Kwandika; na Spring Fling
- Ubufatanye bufite igisobanuro n'ababyeyi n'umuryango mugari

Jeffersontown Elementary

Abanyeshuri cyakira: 684
Telefone: (502) 485-8274
Aderesi: 3610 Cedarwood Way, Louisville, KY 40299
Web: jefferson.kyschools.us/page/jeffersontown-elementary

Jeffersontown Elementary kirema abanyeshuri b'ababanga mu myigire mu byiciro byose by'amasomo binyuze mu gukoresha uburyo bw'imyigishirize buboneye, guhanga udushya, ikoranabuhanga, n'amahirwe yo kwiga byimbitse. Duterwa ishema n'umuco wacu wo kwita ku bantu, mwiza ugamije kongerera ubumenyi abanyeshuri bacu uko bagera ku byo bashoboye. Twizera ko "Gukorera hamwe bituma inzozi zigerwaho."

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Uburezi bw'abanyeshuri bagaragaza impano zidasanzwe n'Italanto n'itsinda ry'abanyeshuri b'abanyempano bo mu cyiciro cy'ibanze
- Amasomo y'Icyesipanyolo yo ku myaka yose
- Gahunda y'ubugeni n'amasomo y'ubumenyamuntu atuma abanyeshuri bagaragaza impano mu mitsindire y'amasomo yabo y'umwaka
- Abarimu n'abakozi bafite ibindi byemezo n'ibihembo byinshi, harimo National Boards, Google Classroom, Modern Classroom, administration certifications, gifted education, English Language Development (ELD) no guteza imbere gusoma no kwandika
- **Amasomo yihariye na porogaramu z'umwihariko:** Itsinda ririrmba rikanacuranga; orukesitere; ubugeni bw'amashuho; Siyanse, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubugeni, n'Imibare (STEAM); isomero; ubumenyi ngiro bw'imibereho n'ubugeni bw'imyiyerekano
- Integanyanyigisho y'imyitwarire ikomeye ishyirwa mu bikorwa mu kigo cyose kugira ngo himakazwe ubumenyi bw'imyigire y'amarangamutima n'imibanire
- Ritanga amasomo yigishirizwa hanze y'ishuri
- Ishyirahamwe ry'ababyeyi n'Abarimu ryatwaye igihembo (Parent Teacher Association, PTA) ritera inkunga igikorwa ngarukakwezi Family Fun Nights na Walk-a-Thon ngarukamwaka
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Itsinda rishingiye ku masomo, bande, orukesitiri, umukino wa basketball (abakobwa n'abavanze), umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, volleyball, umupira w'amaguru, kwiruka, bowling, pickleball, karabu ya drama, korari, na karabu z'ibikorwa bya nyuma y'amaosmo
- Ikoranabuhanga rigezweho mu mashuri yose hamwe na Chromebooks umwe-kuri-umwe zigenewe abanyeshuri
- Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (Health Promotion School of Excellence, HPSE)
- Impuzandengo yo kugumana abarimu n'abakozi ya 95 ku ijana kuzamura hamwe n'ibipimo byo hejuru by'imikorere myiza y'akazi bigaragaza Umuco n'Umwuka mwiza mu mibanire hamwe n'ubufasha bw'abanyeshuri b'indashyikirwa; impuzandengo z'ababyeyi n'abanyeshuri mu mibanire myiza y'ikigo, ubuyobozi n'abakozi (Imvano: Kentucky Impact Survey, CSS, Teach Upbeat)
- Porogaramu y'imyigire y'imibanire n'amarangamutima igamije imico mizima (SEL) hamwe n'abakozi bahuguriwe integanyanyigisho ya SEL
- Porogarmu z'imyigire zagutse na mbere na nyuma y'amasomo zibanda ku gusoma no kwandika
- Ibikorwa bbiterwa inkunga n'Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA)
- Ikigo giha imiryango ibikeneye Blessings in a Backpack n'Imbuto n'imboga bibisi buri cyumweru kuri bose


J.F. Kennedy Elementary

Abanyeshuri cyakira: 510
Telefone: (502) 485-8280
Aderesi: 3800 Gibson Lane, Louisville, KY 40211
Web: jefferson.kyschools.us/page/j-f-kennedy-elementary

Intego yacu ni ukurera umwana tumuha amahirwe y'imyigire aboneye hagamijwe gutegura abanyeshuri kuvamo abaturage bashoboye kuba ku isi yose. Mu by'ukuri, iyi nshingano itangira umunyeshuri wawe akivuka. Uri umwarimu wa mbere w'umunyeshuri wawe, kandi ugira uruhare rukomeye mu kugera ku nsinzi ye. Tuguha ikaze nk'umufanyabikorwa w'ingenzi mu burezi bw'umunyeshuri wawe.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gutanga Gahunda iteye imbere, Gahunda ya Serivisi z'Ikigo Zaguye (ESS), no gushyira mu bikorwa gahunda z'imibare no gusoma zishingiye ku bushakashatsi kugira ngo hatangwe inyigisho zinonosoye kandi zifite icyo zisobanuye
- Umuforomo w'ikigo cy'amashuri ukora igihe cyose, Umuhuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) n'umukozi ushinzwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe
- Gahunda y'Inkunga yo gutanga imbuto n'imboga n'Ikigo cy'Icyitegererezo giteza imbere ubuzima bw'abanyeshyuri (HPSE)
- Isomero rya buri cyumweru, siporo (PE), umuziki n'ubugeni
- Gahunda zo gufasha kwikosora (RP) n'Ubufasha bwerekeye ubuzima bw'imyitwarire (PBIS), Leader in Me (Umuyobozi uri muri njye), na Olweus Bullying Prevention Initiative (Gahunda yo Kurwanya Ibikorwa byo Kunnyuzura muri Olweus)
- Sire ya Gahunda yo guteza imbere umwana (CEP) binyuze muri YMCA
- Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA)
- **Ibikorwa/karabu by'abanyeshuri:** Bandem umupira w'amaguru, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, umukino w'amaguru, umukino w'amaboko wa basiketi, korari, Gucunga umutekano, Abakobwa b'abanyempamano, track, Inama ngishwanama y'abanyeshuri, Kwibuka vub, Gahunda ya Men of Quality, na Gahunda ya karabu y'ibikwerere (Young Gentlemen Cub's Program), n'Itsinda ry'abagiraneza rya Kindness Crew
- **Karabu:** Amashuri abanza—Abakora kode n'abakiri hagati—Abavumbura ibijyanye na Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM)



Medora Elementary

Abanyeshuri cyakira: 453
Telefone: (502) 485-8298
Aderesi: 11801 Deering Road, Louisville, KY 40272
Web: jefferson.kyschools.us/page/medora-elementary


Ku ikigo cy'amashuri abanza cya Medora Elementary, duhatanira kuba ahantu heza hateza imbere ubuzima n'imibereho byiza, kubana neza, n'imitsindire inoze kuri buri munyeshuri. Dutanga uburyo bwiza bwo kubungabunga, gutegura imyigire n'imibanire n'abandi by'umunyeshuri, tukanategura buri munyeshuri kujya mu cyiciro gikurikiraho. Medora ikurikirana buri mikorere y'umunyeshuri buri munsi kandi igashyira mu bikorwa ibikorwa bishingiye ku bushakashatsi. Ni intego yacu kwigisha mu buryo abanyeshuri bigamo. Binyuze mu mikoranire ikomeye hagati y'abakozi, ababyeyi, n'umuryango mugari, tuzizera neza ko abanyeshuri bagere ku gasongero ku bushobozi bwabo.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Itsinda ry'Ibanze ryita ku Mpano na Gahunda zo kwita ku bafite Impano
- Laboratwari ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), na Mathematics (imibare) - (STEM) n'abarezo babyemerewe na Google
- **Amasomo yihariye:** Laboratwari ya STEM, siporo (PE), ubugeni n'ubumenyamuntu, n'isomero
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball, volleyball, kwiruka, umupira w'amaguru, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), Gucunga Umutekano, bande, orukesitiri, Turkey Trot, Umunsi w'Urugendoshuri, Kwerekana Impano, Umunsi wahariwe Abanyamwuga, Color Run, Umugoroba wa siyanzi, hamwe n'Umugoroba w'imibare/gusoma no kwandika
- Ihuriro ritegura amarushanwa yo gutanga ibihembo ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA)
- Umuganga uhoraho w'ubuzima bwo mu mutwe



Zone ya Waggener



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Breckinridge-Franklin Elementary

Abanyeshuri cyakira: 434
Telefone: (502) 485-8215
Aderesi: 1351 Payne Street, Louisville, KY 40206
Web: jefferson.kyschools.us/page/breckinridge-franklin-elementary

Kugira ngo hategurwe abanyeshuri bazahangana n'ubuzima, umuryango mugari wacu ku kigo Breckinridge-Franklin Elementary School (BFES) uzashyiraho uburyo bw'imyigire ikwiye butahura amatsiko bukanateza imbere ukwihangana muri buri munyeshuri. Ikigo cya Breckinridge-Franklin kigendera ku nteganyanyigisho ikomeye y'Icyongereza/Ubuvanganzo (ELA) (Expeditionary Learning) n'imibare (Imibare ishushanyije) ituma abanyeshuri buzuza ibisabwa na Kentucky Academic Standards (KAS).

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Kwitabura gahunda y'amasomo mu ishuri rigizwe n'abanyeshuri bake
- Kampisi yubatse kuri are ebyiri ifite umwanya wo hanze uhagije wo gukiniraho hamwe n'ibikoresho by'ikibuga bishya
- Gitanga amasomo y''ubuhanzi bifitanye isano muri cyumweru mu buhanzi n'ubuvanganzo, umuziki, isomero, itangazamakuru n'ikoranabuhanga na siporo (PE)
- Giha buri munyeshuri imashini ya Chromebook irimo interineti ya LTE yo gukoresha mu gihe ari kuri BFES
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Basketball, cheerleading, band, orchestra, porogaramu ya nyuma y'amasomo ya Boys and Girls Club after-school program na Karabu y'Ikiranimco y'ikigoroba

Chenoweth Elementary

Abanyeshuri cyakira: 580
Telefone: (502) 485-8227
Aderesi: 3622 Brownsboro Road, Louisville, KY 40207
Web: jefferson.kyschools.us/page/chenoweth-elementary

Ku Kigo cy'Amashuri abanza cya Chenoweth Elementary, dufite icyerekezo cyo kuba ahantu hatekanye aho abanyeshuri bose bashobora kugera ku bushobozi bwuzuye bifitemo. Dusaba Chargers (abanyeshuri) bacu gutekana, kwitonda, kubaha no kugira inshingano buri munsi. Tugendera ku gihango cy'ishuri ryacu, kivuga ngo, "Ndi umwe mu bagize Umuryango wa Chenoweth ushyize imbere inshingano. Ngomba kuba umuntu mwiza ku buryo bwose bushoboka. Nzagufasha, kandi nawe uzamfasha."

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- **Amasomo yihariye:** Ubugeni, siporo (PE), isomero, umuziki, Ururimi Mpuzamahanga
- Amasomo yo hanze y'ishuri yatsindiye igihembo kandi yavuguruwe
- Kwibanda ku gukemura ibyo umunyeshuri akeneye ku giti cye: Ikigo Gitanga Serivisi mu Rubyiruko n'Ibikenerwa n'Umuryango (FRYSC), Serivisi z'Ikigo Zaguye (ESS), Utanga ubufasha ku banyempano uhoraho
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Itsinda Rishingiye ku Masomo, itsinda ry'abaririmbye, orukesitiri, Itsinda Rishinzwe Umutekano, Imikino ngororamubiri, Jump Rope for Heart, Gahunda y'Imiyoborere y'Umunyeshuri mu Ikoranabuhanga (STLP), Karabu y'Ibidukikije, n'andi makarabu atandukanye hashingiwe ku nyungu z'abanyeshuri (ingero: Kindness Club, Comic Club, League of Logic, Ukulele Club, Books and Beats, and Run Club)
- Gahunda zigamije kwimakaza Ubufasha bwerekeye ubuzima bw'imyitwarire (PBIS) yahawe umudari wa Bronze, Ikigo kitarangwamo urwango, na Leader in Me
- Igihembo cya Purple Star cyo gukora porogaramu zo gushyigikira urubyiruko rufitanye isano n'ingabo z'igihugu
- Imyigire Ishingiye ku Marangamatuma n'Imibanire (SEL), harimo inyigisho z'ubujyanama buri kwezi, inama z'ishuri zikorwa buri kwezi mu gitondo, inama z'ishuri za buri munsi zibanda ku muryango mugari, umujyanama w'imitekerereze uhoraho hamwe n'abajyanama babiri, ndetse no gukoresha gahunda ya Character Strong na Leader in Me
- Ibikorwa by'uruhare rukomeye rw'umuryango n'imikoranire n'Ihuriro ry'Ababyeyi n'Abarimu (PTA), Inama za PTA z'ubufatanye ziba buri kwezi, imigoroba y'imiryango, ibirori bibera mu busitani, kwerekana ibyizwe, imbyino, n'ibindi byinshi

Field Elementary

Abanyeshuri cyakira: 462
Telefone: (502) 485-8252
Aderesi: 120 Sacred Heart Lane, Louisville, KY 40.206
Web: jefferson.kyschools.us/page/field-elementary

Intego y'Ikigo cy'amashuri abanza cya Field Elementary ni ukwizera neza ko abanyeshuri bose biga binyuze mu bufasha bw'umuryango mugari. Dufatanya mu mikorere binyuze mu nteganyanyigisho yizewe, inoze kandi iboneye kugira ngo hizerwe neza ko abanyeshuri bose bahagaze neza mu bumenyi kandi banyotewe kwigira ahantu hatekanye.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Yamenyekanye k'ubwo kuba indashyikirwa nka No Child Left Behind - NCLB (Ikigo cya Blue Ribbon School Gikoresha Gahunda ya "Nta Mwana Usigaye") na Model Professional Learning School (Ikigo Gikoresha Uburyo bwa Kinyamwuga mu Myigire)
- Yigisha mu buryo bunoze binyuze mu bikorwa byo kongera ubumenyi na gahunda z'ubwunganizi ku banyeshuri, zirimo gahunda ya "What I Need (WIN) - Icyo Nkeneye", Itsinda ry'Abanyempano mu Mashuri Abanza, na Gahunda zo Kuzamura Impano
- Itanga amahirwe y'imiyoborere y'abanyeshuri binyuze muri Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP) n'imishinga ya serivisi zinshingiye ku muryango mugari
- Ubufasha butangwa n'Ihuriro ry'Abarimu n'Ababyeyi (PTA), Ikorwa by'ubucuruzi bya Crescent Hill, n'ibigo bitandukanye byo mu muryango mugari
- Amasomo y'Igishinwa, umuziki, Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), na Mathematics (imibare) - STEAM no gucapa 3D, isomero, itangazamakuru, na siporo (PE)
- Imikoranire ya PTA na Family Resource Center (FRC) yo gutegura imigoroba y'umuryango, harimo Fall Festival, Field Trek, Ugly Sweater Dance, STEAM Night, Comic Con, Family Health Night, Lunar New Year, Trunk-N-Eat, n'imyiyereko ngaruka mwaka y'umuziki
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Gucapa ku mpapuro 3D, Quick Recall (Kwibuka Vuba), Gukemura Ikibazo, Amatsinda ashingiye ku masomo, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), Chinese Club, Ishuri rya Kicks Soccer Academy, dame, Morning Magic Club, Drama Club, bande, orukesitiri, amarobo, n'imyiyereko y'umuziki ngarukamwaka
- **Amakipe y'Imikino itandukanye:** Basketball, soccer, cross-country, floor hockey, na basketball

Alex R. Kennedy Elementary

Abanyeshuri cyakira: 390
Telefone: (502) 485-6950
Aderesi: 4515 Taylorsville Road, Louisville, KY 40220
Web: jefferson.kyschools.us/page/alex-r-kennedy-elementary

Gahunda ya "Every Child Matters (Buri Mwana Afite Agaciro)" ijyanye neza n'intego yacu yo gutanga uburezi bw'ibanze n'uburyo bwiza butuma habaho kwigirira icyizere no gushyigikira imyigire hagamijwe gufasha abanyeshuri bacu kuba abagize umuryango mugari batana umusaruro, ndetse bafite inshingano kandi bita ku bintu. Buri munsi, duhatanira gutuma habaho umwuka mwiza mu kigo utuma habaho kwigira, kuzamura urwego rw'imitsindire y'abanyeshuri, no guteza imbere umuco wo kunezerwa mu gihe cyo kwiga. Integanyanyigisho yerekeye gusoma no kwandika yacu na gahunda za siyansi n'imibare zishingiye ku bushakashatsi bizajya bikorwa ku gipimo cyo hejuru kugira ngo gutsinda amasomo bigere ku gipimo kiruta ibindi.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Amasomo atangwa kabiri mu cyumweru ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubuhanzi) na Mathematics (imibare) - (STEAM) mu buryo bw'imifatanyirize hagati y'abarimu bo mu ishuri n'abo muri laboratwari
- Amasomo yo ku wa Gatanu atari mu nteganyanyigisho yo muri STEAM, Ubuhanzi, Siporo (PE) n'Isomero
- Kwitabira 5x5 Fund for the Arts Grant mu mikoranire na StageOne Family Theatre, University of Louisville (UofL) Repertory Company, Kentucky Shakespeare, na Louisville Orchestra

St. Matthews Elementary

Abanyeshuri cyakira: 584
Telefone: (502) 485-8321
Aderesi: 601 Browns Lane, Louisville, KY 40207
Web: jefferson.kyschools.us/page/st-matthews-elementary

Ku kigo cy'amashuri abanza cya St. Matthews, dushishikajwe no kongerera ubushobozi imyigire n'imiterere y'abanyeshuri bacu. Twizera ko buri muntu wese afite agaciro kandi ko buri gihe kibara. Intego yacu ni uko abanyeshuri bava ku kigo cy'amashuri abanza cya St. Matthews ari abanyeshuri bafite urukundo kandi bafite umurava mu buzima bwabo bafite ubumenyi butandukanye n'intumbero y'ahazaza.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Nationally recognized School of Character(2020)
- Yigisha Umuziki, Icyesipanyore, Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, n'Imibare (STEM); na Gahunda iteye imbere/Gahunda yo kuzamura impano
- Giha abanyeshuri bose amahirwe yo kwiga umuziki
- Cyahawe Igikombe cy'Ikigo cy'Indashyikirwa mu Guha Ababyeyi Amahirwe yo Kugira Uruhare mu Burezi bw'Abana babo cyatanzwe na National Parent Teacher Association (PTA)
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Itsinda rishingiye ku masomo, bande, basketball (basiketi), cheerleading, orukesitiri, kwiruka, track, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), Gucunga Umutekano, karabu ya dame, amarobo, karabu y'ubuhanzi, n'Imishinga y'imyigire ya serivisi ishingiye ku muryango mugari
- Porogaramu y'uburezi bwo gushyigikira imico myiza yatsindiye igihembo hamwe na House System

Uburyo bwunganira: Uburyo bwunganira bwa Waggener Zone ni Dunn Elementary **(paji ya 21)**.

Ibigo by'amashuri ya Magnet

Impamvu zifatika Ni ngombwa gusaba ikigo

Ni ibihe ibigo by'icyitegererezo byigisha amasomo yihariye biri mu ifasi?

Hari ibigo bitanu by'icyitegererezo by'amashuri abanza byigisha amasomo yihariye mu ifasi. Ibi bigo byemera abanyeshuri bo mu fasi yosekandi ntibiri muri zone.

- **Ikigo cy'amashuri abanza cya Brandeis Elementary** gifite Siyansi, Ikoranabuhanga, Ubwubatsi, Ubuhanzi n'Imibare (STEAM) byihariye bifasha abanyeshuri kubona amahirwe y'imyigire ishingiye ku mishinga (PBL).
- **J. Graham Brown School** ni ikigo gishyira imbere ukwigenga mu myigire gishishikariza imitekerereze myiza n'imitima mizima binyuze mu kwishyira ukizana, impuhwe, guhanga udushya, n'ubuvugizi.
- **Coleridge-Taylor Montessori Elementary** gitanga porogaramu ya Montessori Program. Iyi gahunda y'imyigire ishingiye ku kwiyobora ishyigikira iterambere mu nguni z'ubuzima zose mu buryo bukomeye kandi busaba kugira umurava.
- **Hawthorne Elementary** ni cyo kigo cyinyine cyigisha amasomo yihariye y'Icyesipanyoro muri JCPS. Umunyeshuri wese uje kwiga muri Hawthorne yiga amasomo mu rurimi rw'Icyesipanyore mu myaka yose.
- **Lincoln Elementary Performing Arts School (LPAS)** ni icyo kigo cy'amashuri abanza cy'icyitegererezo cya leta cyonyine cyo muri Kentucky cyibanda ku buhanzi.


JCPS ifite kandi ibigo by'icyitegererezo by'amashuri abanza bitanu bishingiye ku mbibi, ari byo Audubon, Carter, Foster, Greathouse/ Shryock, na Schaffner, byigisha bikoresheje Gahunda ya Gakondo nk'umwihariko wabyo. Kwemererwa kubyigamo biterwa na aderesi y'aho umunyeshuri wawe ataha. Porogaramu ya Magnet ya gakondo itanga integanyanyigisho ihereye ku munyeshuri kandi ikomeye mu buryo bwateguwe neza, bw'ingenzi mu guteza imbere ubushobozi bwo kwitegura kaminuza n'umurimo. Porogaramu ya gakondo igira uruhare mu mikurire y'umunyeshuri binyuze mu gushyira imbere ibisabwa mu masomo no kwitwara neza. Byongeye kandi, Porogaramu ya gakondo itergura imico mizima n'ubumenyi bw'imiyoborere binyuze mu ruhare rw'umuryango mugari no kwimakaza imibereho myiza y'umunyeshuri.

Nk'uko twibanda ku bigo by'amashuri bya gakondo, hubandwa ku masomo y'ibanze hagamijwe guteza imbere abatekereza mu buryo bwagutse, bazi kwigenzura no gukemura ibibazo, bashaka gukora neza ku giti cyabo no kugera ku bushobozi bwabo bwose mu masomo, imico, gukunda igihugu, n'imiyoborere.

Amashuri Abanza hashingiwe ku bwoko bwayo

Ikigo cy'amashuri ya Magnet

Ikigo gikoresha uburyo gakondo



IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

Audubon Traditional Elementary

Abanyeshuri cyakira: 614
Telefone: (502) 485-8205
Aderesi: 1.051 Hess Lane, Louisville, KY 40.217
Web: jefferson.kyschools.us/page/audubon-traditional-elementary

Audubon Traditional ifite gahunda y'amasomo ikomeye aho kwigisha biteguranye ubushishozi, uburyo bwo kwishyira ku murongo kw'abanyeshuri biteza imbere indangagaciro gakondo, ibyo kwitega biri ku rwego rwo hejuru, kandi hakanashingirwa ku makuru shingiro. Amasomo yacu y'imibare no gusoma ashingiye ku budashyikirwa, ubushakashatsi, kandi akaba akoreshwamo ikoranabuhanga.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Active Parent Teacher Association (PTA) itanga amasaha menshi ya serivisi ikagura n'ibikoresho bikoreshwa mu burezi
- Family Resource Center (FRC) ifite inshingano zo gufasha ababyeyi n'imiryango guhangana n'imbogamizi mu myigire zidafite aho zihuriye n'amasomo
- Uruhare rw'umuryango mugari wa Fosters binyuze mu bigo nk'umuryango udaharanira inyungu ugamije iterambere ry'urubyiruko wa Junior Achievement (JA), Boy Scouts (abasikuti b'abahungu), Girl Scouts (abasikuti b'abakobwa), Inama/Gahunda z'Ubugeni zishingiye ku muco n'ibindi
- **Ibikubiye mu nteganyanyigisho:** Ubugeni n'umuziki, bande, orukesitiri, laboratwari ya za mudasobwa, isomero, indirimbo, siporo (PE)/ ubuzima, na laboratwari ya siyansi
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Ururimi rw'amarenga rw'Icyongereza cy'abanyamerika - ASL, kurasisha umuheto, Karabu y'Ubugeni, Baiketi, Karabu ya Beta, cheerleading (ikipe y'abafana), indirimoo, Kwiruka, Drama Club, field hockey, Gardening Club, Health Promotion Schools of Excellence (HSPE), inama y'abanyeshuri, na Yoga Club

Brandeis Elementary

Abanyeshuri cyakira: 473
Telefone: (502) 485-8214
Aderesi: 2.817 W. Kentucky Street, Louisville, KY 40.211
Web: jefferson.kyschools.us/page/brandeis-elementary

Ikaze mu Brandeis Elementary, ikigo cya STEAM! Muri Brandeis, kwihangana ni cyo kigaragaza abo turi bo nk'umuryango mugari w'abiga! Nk'umuryango mugari w'ikigo cy'amashuri, twiyemeje ubudasubira inyuma gutanga uburezi bufite ireme ryo ku rwego ruhanitse mu buryo bwita ku munyeshuri, kugira ngo buri munyeshuri agere ku nsinzi mu masomo, imibereho, no mu buhanga bwo guhanga ibishya. Twateje imbere umwuka mwiza aho gutsinda mu masomo, iterambere mu mibereho, no gutekereza mu buryo bwo guhanga ibishya ari byo bituranga. Mu kigo Brandeis Elementary, ntitwigisha gusa; duha abanyeshuri ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo, gucunga ibiteye amatsiko, no kugera ku nsinzi mu bice byose by'ubuzima.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Ikigo cy'amashuri cy'icyitegerererezo mu ifasi yose aho abanyeshuri batoranywa mu buryo bwa tombora
- Amashuri yigisha Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), Arts (ubuhanzi) na Mathematics (imibare) - (STEAM) mu byumba by'amashuri aho abanyeshuri bungurana ibitekerezo na laboratwari yihariye y'Udushya
- Abanyeshuri bashyira mu maboko yabo urugendo rw'uburezi bwabo, bakanoza ubumenyi bwo gukemura ibibazo no gutekereza cyane
- Laboratwari yihariye y'ibyiyumviro ifasha mu gusuzuma amarangamutima no gushyigikira iterambere ry'imibereho n'amarangamutima
- Imyigire ishingiye ku mishinga (PBL) bishyira abanyeshuri mu bikorwa by'ukuri, byunganirwa na gahunda za mbere na nyuma y'ishuri
- Integanyanyigisho ikubiyemo impinduka z'abanyeshuri mu masomo akurikira: Ubugeni, umuziki, ururimi mpuzamahanga, na laboratwari ya STEAM
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Basketball, track, umupira w'amaguru, ikiganiro mpaka, Kurasa, Quick Recall (Kwibuka vuba), drama, Amarobo ya LEGO, Girls on the Run, Dame, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP), n'ibindi byinshi

J. Graham Brown School

Abanyeshuri cyakira: 300 (K–5)
Telefone: (502) 485-8216
Aderesi: 546 S. First Street, Louisville, KY 40202
Web: jefferson.kyschools.us/page/j-graham-brown-school

J. Graham Brown School, Ikigo cy'Amashuri cyahoze ari icyitegerererezo, ni ikigo cy'icyitegerererezo gutanga amasomo yihariye mu ifasi yose ku banyeshuri bashishikajwe n'Uburyo bw'Imyigire Biyoboye. Intego yacu ni ugutuma habaho ukwishyira ukizana, gutuma habao umutima w'impuhwe, gutuma habaho guhanga udushya, no gushishikariza ubuvugizi mu buryo bw'imyigire butanga umusaruro hashingiwe ku muco. Abanyeshuri ba J. Graham Brown School bafite "ubwonko bwatojwe n'imitima yarezwe" biyobora, kandi n'abanyeshuri beza mu rugendo rw'ubuzima.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Ikigo cy'icyitegerererezo mu myigire abanyeshuri biyobora mu ifasi yose gifite kuva mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa cumi na kabiri
- Ikigo gifite gahunda y'amasomo ifasha mu gutegura abanyeshuri kuba abantu batekereza cyane, bafungutse umutwe kandi bahanga udushya bashishikajwe no kwitangira kugira ubumenyi bushya
- Gitanga uburyo bwo kwiga bwongera urugwiro, koroherana no kubaha ikiremwamuntu hahabwa agaciro kuba hahurira imico itandukanye kandi yose ikagirira akamaro umuryango
- Imitsindire y'amasomo kuri buri cyiciro cy'umwaka n'ubumenyi bw'imibanire n'abandi hashingiwe ku myaka y'amavuko iboneye yitezwe kugira habeho gustinda muri iyi mitere y'imyigire idasanzwe
- Ibitekerezo by'umunyeshuri, gukemura ibibazo n'ubuvugize binyuze mu kwigiga bishingiye ku mishinga (PBL)
- Abanyeshuri biha intego kandi bakisuzumira uko bazigeraho binyuze mu nama ziyoborwa n'abanyeshuri
- Gukora ingendoshuri zitandukanye mu mujyi—inzu ndangamurage zitandukanye, ubusitani nyaburanga n'ibindi
- Ibikorwa bya nyuma y'amasomo
  - **Imikino:** Umupira w'amaguru, umukino w'amaboko wa basketball, cheerleading, umukino w'amaboko wa volleyball
  - **Amarushanwa yo mu rwego rw'amasomo:** Quick Recall (Kwibuka Vuba), Amasuzumabumenyi Yanditse, Gukemura Ibibazo mu gihe kizaza, Itsinda ry'Ibyerekeye amarobo, na Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP)
  - **Karabu:** Beta Club, Drama (harimo umukino ngarukamwaka mu kigo cyose), na Not Your Stereotypical Kids
  - Gahunda y'Ibikorwa by'Iterambere ya Nyuma y'Amasomo y'Ihuriro ry'Ababyeyi, Abarimu n'Abanyeshuro (PTSA)

Carter Traditional Elementary

Abanyeshuri cyakira: 458
Telefone: (502) 485-8225
Aderesi: 3.600 Bohne Avenue, Louisville, KY 40.211
Web: jefferson.kyschools.us/page/carter-traditional-elementary

Jessie R. Carter Traditional Elementary cyatangiye kugira abanyeshuri biganjemo umuryango mugari w'Abanyermika bafite inkomoko muri Afurika mu mwaka wa 1922. Intego yacu ni ugufata umwana wese tukamuha amasomo akomeye mu buryo bwateguwe kandi bwizewe, tubashyigikira mu kwiyubaka mu buryo bw'imyifatire, iterambere ry'imico, no mu miyoborere. Twishimira kugira inshingano zihamye mu gutsinda mu masomo, imyitwarire, n'uruhare rw'ababyeyi. Dutanga amasomo ashingiye ku mahame no ku bushakashatsi, kandi agendera ku makuru shingiro mu buryo bw'ikoranabuhanga, n'amahirwe akomeza yo kugira ubwitonzi, guseka, ubucuti, no kwishimisha!

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Active Parent Teacher Association (Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu - PTA) n'amahirwe menshi y'abakorerabushake
- Umuhuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) uhoraho n'inzobere mu by'ubuzima bwo mu mutwe ihoraho bafite inshingano zo gufasha abanyeshuri n'imiryango mu guhangana n'imbogamizi zidafite aho zihuriye n'amasomo mu myigire
- Kubahiriza amategeko y'ikigo, harimo n'impuzankano
- **Ibindi bikorwa bitari ku nteganyanyigisho na za karabu:** Basketball, umukino wo gushimisha abitabiriye ibirori, itsinda ry'ababyinnyi, irushanwa ryo kwiruka, umupira w'amaguru, itsinda ry'abaririmbyi, orukesitire, Men of Quality, Girls on the Run, Karabu y'ubugeni, Serivisi z'Ikigo Zaguye (ESS), Imigoroba yagenewe uruhare rw'imiryango iba buri gihembwe

Coleridge-Taylor Montessori Elementary

Abanyeshuri cyakira: 329
Telefone: (502) 485-8232
Aderesi: 1.115 W. Chestnut Street, Louisville, KY 40.203
Web: jefferson.kyschools.us/page/coleridge-taylor-montessori-elementary

Ikaze ku kigo cy'amashuri abanza cya Coleridge-Taylor Montessori Elementary School—Home of the Monarchs! Dutewe ishema no kuba duhabwa inkunga y'Umushinga uha ubufasha ibigo by'amashuri bya Magnet (MSAP), waduhaye amahirwe yo kongera kugaragaza, gutekerezaho no kwivugurura uburezi bwa Montessori muri JCPS. Uburezi bwa Montessori ni uburyo bwibanda ku bana, bushingiye kuri siyansi kugira ngo hanozwe ibi bikurikira:

- Kwigirira icyizere
- Amahirwe yo kwigira ku bumenyi ngiro
- Kwigenga no gukemura ibibazo
- Ukwishyira ukizana k'umunyeshuri
- Uburyo bw'umwana wese (Gukura mu mitekerereze, ku mubiri no mu mibanira)

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gahunda ya Montessori ishingiye ku mafaranga y'ishuri ku banyeshuri bafite hagati y'imyaka 3 na 4 y'amavuko
- Irema abenegihugu batanga ibisubizo bishingiye ku mico kandi mu rwego rw'isi yose bagerageza isi yacu binyuze mu butabira bw'imibanire
- Yimakaza imiyoborere binyuze mu bufatanye, kubaka urukundo n'ubwigenge no kwiyungura
- Itanga imishinga itandukanye yimakaza uburambe bw'ibidukikije
- Ingendoshuri n'ubunararibonye binagura amatsiko y'abanyeshuri agamije kubungura ubumenyi
- Ubufatanye n'abafatanyabikorwa b'umuryango mugari mu guha abanyeshuri uburyo bwo kugira ubunararibonye no kubona imfashanyigisho
- Abandi bakozi batanga ubufasha bw'imigire mu mashuri, byongerere abanyeshuri andi mahirwe y'imyigishirize yihariye kuri buri munyeshuri n'imyigire yifashisha ubufatanye mu kwigisha bwa Montessori

Foster Traditional Academy

Abanyeshuri cyakira: 282
Telefone: (502) 485-8253
Aderesi: 1.401 S. 41st Street, Louisville, KY 40.211
Web: jefferson.kyschools.us/page/foster-traditional-academy

Turi Foster! Intego yacu ni Touch the Heart, Teach the Mind (Gukora ku Mitima, Dutoza Ubwonko). Foster irajwe ishinga no kwizera neza ko abanyeshuri bose batera imbere mu rwego rw'amasomo, imibanire n'abandi n'amarangamutima. Intego yacu ni uguha abanyeshuri ubumenyi bukenewe kugira ngo bazabeho ubuzima bw'insinzi kandi bufite umusaruro, bityo hizerwe neza ko bateguwe neza ku buryo bajya kwiga muri koleji cyangwa mu mwuga bihitiyemo.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gahunda yihariye mu buryo bwa gakondo ishyira abanyeshuri ku murongo kugira ngo bitegure kwiga mu Kigo cy'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye cya gakondo
- Hubahirizwa amabwiriza y'impuzankano
- **Ibikorwa by'abanyeshuri:** Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga y'Abanyeshuri (STLP), drama, basketball (basiketi), cheerleading, orukesitere, bande, korari, na Serivisi z'Ikigo Zaguye (ESS)
- **Amasomo yihariye:** Siporo (PE), ubuhanzi, umuziki, isomero, na laboratwari ya Science (siyansi), Technology (ikoranabuhanga), Engineering (ubwubatsi), na Mathematics (imibare) - (STEM) (amasomo yihariye atandukanye atanu buri cyumweru ku banyeshuri)
- Inyubako nziza ziri muri kampisi iri ku buso bwa are 40

Greathouse/Shryock Traditional Elementary

Abanyeshuri cyakira: 613
Telefone: (502) 485-8259
Aderesi: 2700 Browns Lane, Louisville, KY 40220
Web: jefferson.kyschools.us/page/greathouse-shryock-traditional-elementary

Ku kigo Greathouse/Shryock Traditional Elementary, abarimu n'abakozi batanga integanyanyigisho ihereye ku munyeshuri kandi ikomeye mu buryo bwateguwe neza, bw'ingenzi mu guteza imbere ubushobozi bwo kwitegura koleji n'umurimo. Abakozi bagira uruhare mu mikurire y'umunyeshuri binyuze mu gushyira imbere ibisabwa mu masomo no kwitwara neza. Hibandwa ku masomo y'ibanze hagamijwe guteza imbere abatekereza mu buryo bwagutse, bazi kwigenzura no gukemura ibibazo, bashaka gukora neza ku giti cyabo no kugera ku bushobozi bwabo bwose mu masomo, imico, gukunda igihugu, n'imiyoborere.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Gahunda yihariye itanga amasomo mu buryo bwa gakondo mu ifasi yose ifite amateka y'indashyikirwa mu masomo
- Ahantu hateguwe neza, hatekanye, hagaragaza ibisabwa mu masomo bikomeye no kwitwara neza
- **Ibikorwa bitari iby'amasomo:** Itsinda rishingiye ku masomo, basketball, karabu ya dame, Karabu y'Igishinwa, irushanwa ryo kwiruka (cross-country), Abakobwa bafite impano, karabu ya LEGO, umuziki, karabu ya NASA, Itsinda ryo gukemura ibibazo, Quick Recall (Kwibuka vuba), karabu ya videwo, umupira w'amaguru, Gahunda y'Imiyoborere y'Ikoranabuhanga ry'Abanyeshuri (STLP), na Wonderful Animals Giving Service (WAGS)
- Amasezerano y'imikoranire akomeye hagati y'umunyeshuri, umubyeyi n'ikigo cy'amashuri
- Umuhuzabikorwa wa Family Resource Center (FRC) ukora igice cy'umunsi ufite inshingano zo gufasha abanyeshuri n'imiryango guhangana n'imbogamizi zidafite aho zihuriye n'amasomo mu myigire
- Umuganga uhoraho w'ubuzima bwo mu mutwe
- Active Parent Teacher Association (Ihuriro ry'ababyeyi n'abarimu - PTA) n'amahirwe menshi y'abakorerabushake
- **Amasomo yihariye:** Ubugeni, itsinda ry'abaririmbyi, isomero, umuziki, orukesitiri, na siporo (PE)/Ubuzima

Hawthorne Elementary

Abanyeshuri cyakira: 455
Telefone: (502) 485-8263
Aderesi: 2.301 Clarendon Avenue, Louisville, KY 40.205
Web: jefferson.kyschools.us/page/hawthorne-elementary

Tubikora no mu rurimi rw'Icyesipanyoro! Ku kigo Hawthorne Elementary, ni icyerekezo cyacu ko buri munyeshuri azatera imbere nk'umunyeshuri ku isi yose no mu mico itandukanye. Intumbero yacu ni ugutuma abanyeshuri bacu bagiza ubumenyi mu rurimi rw'Icyesipanyore bibafasha kuba barize amasomo atandukanye mu ndimi ebyiri, bafite imico ibiri ndetse bavuga n'indimi ebyiri. Twizera neza ko habayeyo uku gutsinda ku rwego rwo hejuru mu myigire, kumenya no guha agaciro ibitandukanye mu mashuri yacu binyuze mu burezi bushingiye ku mico myinshi, n'imikoranire n'imiryango ndetse n'umuryango mugari.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Yemejwe ku rwego rw'igihugu n'Ibigo by'amashuri bya Magnet muri Amerika
- Ni twe twenyine muri JCPS dufite amasomo y'Icyesipanyore yihariye, aho abanyeshuri batera imbere mu bumenyi bw'ururimi mu gusoma, kwandika, kumva, no kuvuga Icyongereza n'Icyesipanyore
- Gitanga Uburyo bwo kumenya neza gusoma no kwandika mu ndimi zombi
- Gitanga ibikorwa by'inyongera bitandukanye bitari ku nteganyanyigisho bishishikariza abanyeshuri bo mu mashuri y'inshuke kugeza ku bo mu mwaka wa gatanu insanganyamatsiko zitandukanye
- Cyibanda cyane ku ruhare rw'umuryango n'urw'umuryango mugari
- Cyakiriye Umushinga wa Compassionate Schools Project (CSP) hibandwa ku myigire y'imibanire n'amarangamutima

Lincoln Elementary Performing Arts School

Abanyeshuri cyakira: 593
Telefone: (502) 485-8291
Aderesi: 930 E. Main Street, Louisville, KY 40.206
Web: jefferson.kyschools.us/page/lincoln-elementary-performing-arts-school

Nk'ikigo cy'amashuri abanza cya leta cya mbere cyigisha ubuhanzi muri Kentucky, Lincoln ishishikajwe no guha umwana uburezi bwuzuye binyuze mu integanyanyigisho iteguye mu buryo bunoze, bushingiye ku bugeni n'ubuvanganzo kugira ngo abanyeshuri bategurwe ku rwego rwo hejuru bazagere ku nsinzi mu gihe kizaza. Uretse imyigishirize myiza mu mibare, gusoma, amasomo yerekeye imibanire n'abandi, kwandika, no muri siyansi, abanyeshuri bitabira amasomo atandukanye mu bumenyi bw'ubugeni, harimo amajwi yo kuririmba, ibikoresho by'umuziki, imbyino, drama, itsinda ry'abaririmbyi, orukesitiri, sentetizeri, n'ubugeni bw'amashusho. Ubugeni na bwo bushyirwa mu masomo atandukanye, kandi abanyeshuri, imiryango, n'ikigo cy'amashuri biyemeje ko abanyeshuri baba abitabira ibikorwa by'ubugeni neza!

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Ikigo cy'icyitegerererezo cyigisha amasomo yihariye mu ifasi yose
- Ahantu hagenewe imyiyereko ijyanye n'ubuhanzi hafite ubuso bungana na metero kare 40 000 burimo inyubako y'imyidagaduro ifite imyanya 200, sitidiyo zo kubyina ebyiri, icyumba cyagenewe drama, icyumba cyagenewe piano, ibyuma byagenewe gufata amajwi n'ibikoresha by'umuziki ndetse n'icyumba cy'ubuhanzi
- Imikoranire n'umuryango mugari ugizwe n'amatsinda y'ubuhanzi yemerera abanyeshuri kwitabira ibirori by'imyiyereko mu bigo by'amashuri no hanze yabyo, no mu Kigo cy'Ubuhanzi cya Kentucky
- Amasomo ya nyuma ya gahunda y'amasomo isanzwe atangwa n'abarimu bo mu bigo bitandukanye, harimo Itorero rya Louisville Orchestra, na StageOne Family Theatre
- Karabu n'Ibikorwa bya Siporo byiyongera kuri gahunda z'ubugeni



Schaffner Traditional Elementary

Abanyeshuri cyakira: 558
Telefone: (502) 485-8217
Aderesi: 2.701 Crums Lane, Louisville, KY 40.216
Web: jefferson.kyschools.us/page/schaffner-traditional-elementary

Tuzatanga uburyo bwuzuye bwo kwigisha umwana binyuze mu bikorwa byubaka umubiri, imibanire n;abandi, amarangamutima, n'ubwenge. Ibi bizagerwaho mu buryo bw'ikigo cy'amashuri buteguwe ku rwego rwo hejuru aho ibyo kwitega biri hejuru no gukorera mu mucyo ari inshingano za buri munsi. Kugira ngo hatabaho guhuzagurika mu iyubahirizwa ry'indangagaciro z'ingenzi mu myigishirize ya JCPS, tuzifashisha ibibakangurira kandi abanyeshuri bahabwe ibikorwa bisaba amaboko binyuze mu kwigisha amatsinda mato mu gihee hatangwa ubwunganizi mu bikorwa by'imyigishirize biteguwe mu buryo bushingiye ku banyeshuri benshi. Twibanda kandi ku nkingi z'ingenzi nyinshi z'ibitekerezo by'ibanze n'inzego z'uburyo buboneye kandi buteye imbere bw'imyigishirize n'imyigire.

Amakuru y'ingenzi yerekeye ikigo

- Blue Ribbon School of Excellence
- Imyigire ishingiye ku munyeshuri, irangwa n'ubufatanye
- Amahirwe Yagutse y'Imyigire
- Kwiband cyane ku kwigisha imiyoborere, kwiyobora no kwiha ikinyabupfura
- Inyigisho za buri munsi zo kugira neza, urugwiro, ubuzima bw'amarangamutima/umubiri no kubaha ku bw'umuryango mugari wacu
- Guhanahana amakuru kenshi ku barimu n'ikigo
- Uburyo bw'imyigire buguye neza ku rwego rwo hejuru
- Ibikorwa by'imiryango byinshi bitangwa buri mwaka
- Abahirwe menshi ahabwa abanyeshuri yo kwitabira imikino ngororangingo, amakarabu n'ibikorwa bikorerwa hanze y'ikigo
- Kwitega uruhare n'ubufasha bikomeye by'ababyeyi muri porogaramu yacu



Porogaramu za Magnet

Impamvu zifatika Ni ngombwa gusaba ikigo

Gahunda z'amasomo yihariye zifite insanganyamatsiko n'intego byihariye cyangwa zitanga uburyo bw'imyigire bwihariye.

- **Abanyeshuri bose basaba kwiga muri gahunda zihariye mu bigo by'amashuri abanza mu gihe cy'ubusabe na bo bazaba bari muri tombola yo kwemererwa.** Nta bindi bikoresho cyangwa ibigenderwaho mu gutoranywa kugira ngo umunyeshuri yemererwe kwiga muri gahunda yihariye mu kigo cy'amashuri abanza. Mu gihe udahise wemererwa muri kimwe mu bigo washyize ku rutonde, uzabimenyeshwa umwanya wawe ku rutonde gihe cy'urugaryi.
- **Abanyeshuri bavukana biga cyangwa bize muri gahunda yihariye ntibibaha amahirwe mu buryo bw'ubusabe.** Ariko abavukana ari impanga (babiri, batatu, …) basaba kwiga muri iyi gahunda bafatwa nk'ubusabe bumwe. Ababyeyi/abarera abana basabwe gutanga ubusabe butandukanye kuri buri munyeshuri.

IMYIRONDORO Y'IBIGO BY'AMASHURI

MicroSociety

Indian Trail: Seneca, Southern na Moore Zones

Gahunda ya MicroSociety ishishikariza abanyeshuri kumva ko ari abaturage bafite inshingano, kwita ku bintu kandi b'umumaro mu muryango mugari bishushanyirije. Integanyanyigisho y'amasomo inoze ijyanye Kentucky Academic Standards (KAS) ihuza amasomo n'ubuzima nyabwo, igatuma uburezi buri munyeshuri ahabwa buba bukwiye. Ba rwiyemezamirimi b'abanyeshuri batanga umusaruro w'ibicuruzwa na serivisi, abayobozi batowe bagashyiraho amategeko, abacamanza bagakemura amakimbirane, n'abanyamakuru bagakurikirana inkuru. Abanyeshuri ba MicroSociety bahabwa ubumenyi buri ku rwego rw'urungano ruzaza bubafitiye akamaro mu gihe kizaza, harimo ihanamakuru, imitekerereze yagutse, kugira ihange, ifatwa ry'ibyemezo no guhanga udushya.

Kuzamura impano

Byck: Ifasi yose

Gahunda yo Kuzamura Impano ishingiye ku mahame y'imyigire, ubumenyi butandukanye, ubuhanzi mu burezi, insanganyamatsiko zongewemo, imyigire ishingiye ku mishinga, n'amahitamo y'umunyeshuri. Binyuze mu ihuzwa ry'integanyanyigisho y'ubuhanzi buvanze n'ibyitezwe mu rwego rw'amasomo, gutera imbere kw'abanyeshuri mu masomo, ubuhanzi, no guhanga impano. Serivisi z'abanyempano zitangwa hamwe n'imyigishirize itandukanye ku banyeshuri bo muri Gahunda yisumbuye bose.

Serivise zihabwa abiga bakoresha indimi nyinshi

Ikigo Gishinzwe Gutanga Ikaze ku Bagana Urwego Rushinzwe Abiga mu Ndimi Nyinshi (OML), gihereye kuri 1325 Bluegrass Avenue, ni ho imiryango mpuzamahanga cyangwa ikoresha indimi nyinshi ishobora kubonera amabwiriza ku buryo bwo kubona serivise z'uburezi muri JCPS. Urwego rutanga kandi serivisi z'ururimi bikanafasha mu ihanamakuru hagati y'imiryango n'ibigo by'amashuri hagamijwe gutuma hagumaho imikoranire ifite imbaraga mu buryo uburezi butangwamo. Imiryango yavugisha ibiro ihamagaye **(502) 485-3623**.

> **Zirikana:**
>
> Buri kigo cy'amashuri mu Ifasi ya JCPS gitanga Serivisi zo Guteza Imbere Ururimi rw'Icyongereza ku banyeshuri bujuje ibisabwa kugira ngo babe muri Gahunda y'Abiga bakoresha indimi nyinshi (ML).

Serivisi zihabwa abanyeshuri bahabwa uburezi bugenewe abafite ubumuga

Serivisi z'Uburezi bwihariye bugenewe abana (ECE) zihabwa abanyehsuri bafite ubumuga hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko rigenga uburezi bw'abafite ubumuga (IDEA) ndetse n'Amabwiriza y'ibuyobozi muri Kentucky (KARs). Umunyeshuri uri muri gahunda y'uburezi bwihariye ya ECE ahabwa amasomo yihariye mu buryo hakurikijwe itegeko riteganya ko abanyeshuri bafite ubumuga bagomba kwigana na bagenzi babo badafite ubumuga ku rugero rushoboka rya Least Restrictive Environment (LRE) nk'uko byemejwe na Komite ya Admissions and Release Committee (ARC) kugira ngo hagerwe ku byo umunyeshuri akeneye biteganywa na Gahunda y'Uburezi Bwihariye ya IEP.

IBIBAZO BIKUNDA KUGARUKWAHO

Amahitamo y'ibigo by'amashuri

JCPS SchoolFinder

Ikibazo: Ni gute nakwiyandikisha kugira ngo nsabe ibigo?

Igisubizo: Ku bindi bisobanuro ku byerekeranye no kwiyandikisha no gusaba, rebera kuri **paji ya 6-7**.

Ikibazo: Amahitamo y'ibigo by'amashuri *bivuze* iki?

Igisubizo: JCPS itanga uburyo bwo guhitamo ikigo cy'amashuri bufasha ababyeyi gusaba ikigo cy'amashuri gihura neza n'ibyo abanyeshuri babo bakenye n'ibibashishikaje mu masomo. **(Reba kode ya QR yo guhitamo ibigo by'amashuri.)** JCPS kandi inaha abanyeshuri baba mu karere ka Choice Zone amahitamo yo kwiga ku kigo kiri hafi yo mu rugo cyangwa kure yo mu rugo.

Ikibazo: Ni amahitamo angahe y'ibigo by'icyitegererezo cyangwa gahunda zihariye nemerewe gusabira umunyeshuri wanjye?

Igisubizo: Ababyeyi bashobora guhitamo kugeza ku bigo bibiri bya Magnet mu busabe bumwe.

Ikibazo: Ni gute nahindura ibyo nasabye mu gihe nshaka ikindi kigo cyangwa indi porogaramu?

Igisubizo: Ubusabe bwo kuri interineti bushobora guhindurwa kugeza ku wa **19 Ukuboza 2025**. Guhindura ntibikunda iyo igihe cyo gusaba cyarangiye.

Ikibazo: Ni gute namenya ikigo cy'amashuri abanza kiri muri zose y'ibigo by'amashuri umunyeshuri wanjye yakwigaho?

Igisubizo: Ifashishe igikoresha cya SchoolFinder ku rubuga rwa JCPS kugira ngo ubone ikigo cy'amashuri cy'umunyeshuri. **(Reba kode ya QR ya SchoolFinder haruguru.)**

Ikibazo: Nasabye ikigo ariko aderesi yanjye yarahindutse. Nakora iki?

Igisubizo: Vugururira aderesi yawe ku rubuga rwa JCPS cyangwa wigireyo. Igikurikiraho, rebera kuri SchoolFinder kugira ngo umenye neza niba impinduka za aderesi zizagira ingaruka ku busabe bw'umunyeshuri wawe. Hari ibigo by'amashuri cyangwa porogaramu bifite aho bitarenga. Impinduka za aderesi zawe zishobora gusobanura ko umunyeshuri, mu gihe byemewe, ashobora guhabwa ikindi kigo. Ugomba kuzuza ubusabe bushya niba aderesi yawe nshya iri mu yindi zose.

Ikibazo: Ni ryari kandi ni gute nzamenya ikigo cyahawe umunyeshuri wanjye?

Igisubizo: Abanyeshuri basabye mu gihe cyo gusaba ibigo bazamenyesherezwa mu ibaruwa, imeyiri cyangwa kuri telefone uko ubusabe bwabo buhagaze bitarenze **Mata 2026**.

Ikibazo: Igihe cyo gusaba ibigo bya Magnet cyanciyeho. Ni ayahe mahitamo mfite?

Igisubizo: Ushobora kohereza ubusabe bw'ikigo cy'icyitegererezo cyangwa gahunda y'amasomo yihariye ku wa **19 Ukuboza 2025**, ariko ubwo busabe buzemerwa gusa mu gihe ikigo gifite imyanya y'abanyeshuri b'inyongera. Igihe cyose abanyeshuri bashobora kwiga ku kigo cy'amashuri kiri mu karere kabo. **(Reba kode ya QR yo guhitamo ibigo by'amashuri.)**

Ikibazo: Sintuye mu ntara ya Jefferson ubu ariko nzahimukira mbere y'uko amashuri atangira. Ese nshobora kohereza ubusabe bw'ikigo cy'icyitegererezo cyangwa gahunda yihariye bw'umunyeshuri wanjye?

Igisubizo: Ushobora kohereza ubusabe bw'ikigo cy'icyitegererezo cyangwa gahunda yihariye kugira ngo umunyeshuri ashyirwe mu kigo cy'amashuri wamuhitiyemo. Igihe cyose abanyeshuri bashobora kwiga ku kigo cy'amashuri kiri mu karere kabo. Usabwe kugaragaza icyemezo cy'uko utuye muri Kawunti ya Jefferson mbere y'uko umunyeshuri wawe yandikwa mu kigo cy'amashuri cya JCPS. Hamagara Ibiro bishinzwe amahitamo y'ibigo by'amashuri kuri **(502) 485-6250** kugira ngo ubone ibindi bisobanuro.

Ikibazo: Nzimukira mu ntara ya Jefferson nyuma y'uko amashuri atangiye. Ni ayahe mahitamo y'ibigo by'icyitegererezo na gahunda zihariye aboneye ku munyeshuri wanjye?

Igisubizo: Abanyeshuri bimukiye muri Kawunti ya Jefferson County nyuma y'itangira ry'umwaka w'amashuri wa 2026-27 bashobora guhitamo ikigo cy'icyitegererezo gitanga amasomo yihariye mu gihe bahageze kuva ku wa **31 Ukuboza 2026**, gusa amahitamo ashobora kugira aho agarukira. Igihe cyose abanyeshuri bashobora kwiga ku kigo cy'amashuri kiri mu karere kabo. Hamagara Ibiro bishinzwe amahitamo y'ibigo by'amashuri kuri **(502) 485-6250** kugira ngo ubone ibindi bisobanuro.

Ikibazo: JCPS igira gahunda yo kwita ku bana bakiri bato mbere na nyuma y'amasaha y'amasomo?

Igisubizo: Yego, Child Enrichment Program (CEP) ni gahunda itangwa ku bufatanye na YMCA. **(Reba kode ya QR ya gahunda ya CEP.)** Ku bindi bisobanuro, vugisha YMCA.

Gahunda ya CEP

IBIGO BY'AMASHURI YA LETA BYO MU NTARA YA JEFFERSON

www.jefferson.kyschools.us

Umukoresha utanga Amahirwe angana/Wemewe mu Migirire ye Utanga Amahirwe y'Uburezi Angana

N6539_CHOICES ES 7/25 dw